Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-51 TARIKI 10 - 16 GASHYANTARE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw





AMAKURU
Barbados yiyemeje gukomeza gutsura umubano n'u Rwanda
5

UBUZIMA
Kubaga igicuri byatangiye gukorerwa mu Rwanda
10


AMAKURU
Urukiko rw'Ikirenga rwanenze abakozi b'inkiko bagitanga serivisi mbi
11

MU NTARA
Kayonza: Abagore b'i Rukara bahinduriwe ubuzima no guhinga ikawa
18









# Nyabihu: Imiryango 21 000 yatangiye guhabwa amashanyarazi

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Akarere ka Nyabihu kuri ubu kavuga ko imiryango 21 000 irimo guhabwa amashanyarazi ku bufatanye n'umushinga wa EPC Nyabihu, ukazatwara asaga miliyari 26 z'amafaranga y'u Rwanda, muri gahunda yo gukomeza kuzamura iterambere n'imibereho myiza y'abaturage.***

Ni igikorwa cyashimishije abaturage bagejejweho amashanyarazi bavuga ko bagiye kubona impinduka zikomeye mu mibereho yabo ya buri munsi nk'uko Mpayimana Eugene wo mu Murenge wa Mukamira yabivuze ngo amashanyarazi agiye kumufasha kwagura ubucuruzi bwe.

KOMEZA KU RUP.3

# RDC itubahiriza ibyo yiyemeje iracyateye inkeke u Rwanda




**U Rwanda rwahagarariwe mu Nama y'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma y'Akanama gashinzwe Sudani y'Epfo**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***U Rwanda rwongeye kugaragaza ko rugitewe inkeke no kuba Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) ikomeje kurenga ku byo yiyemeje gushyira mu bikorwa mu guhangana n'ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba birenga imipaka bikarugiraho ingaruka.***

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin, yabikomojeho mu ijambo yagejeje ku bitabiriye Inama ya 39 y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU) yateraniye i Addiss Ababa muri Ethiopia ku wa13-15 Gashyantare, ubwo bagezwagaho Raporo y'Akanama k'Amahoro n'Umutekano (PSC) ku wa Gatandatu tariki ya 14 Gashyantare 2026.

Muri iyo raporo igaruka ku bikorwa by'ako kanama ndetse n'imiterere y'amahoro n'umutekano muri Afurika hagati ya Mutarama n'Ukuboza 2025, Dr. Nsengiyumva yashimiye abafatanyabikorwa

KOMEZA KU RUP.3

# Abakozi 2,5% mu bikorera ni bo bazi amategeko abarengera

ZIGAMA Theoneste

***Raporo ya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'umwaka wa 2024/2025 igaragaza ko abakozi bakora mu nzego z'abikorera benshi batarasobanukirwa ibikubiye mu Itegeko rigenga umurimo, aho 2,5% gusa ari bo bavuze ko barizi neza.***



**Abakozi bakora mu nzego z'abikorera, usanga ahanini batazi itegeko rigenga umurimo**

Byagarutsweho mu biganiro byo gusesengura iyi raporo byahuje Abadepite bagize Komisiyo y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, Uburenganzira bwa Muntu no Kurwanya Jenoside n'Ubuyobozi bw'Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda (PSF).

Ibiganiro byibanze ku bibazo byagaragaye mu iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu bigo by'abikorera.

Raporo ya Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu kandi igaragaza ko mu igenzura ryakozwe harebwe iyubahirizwa ry'uburenganzira burimo guhabwa ikiruhuko giteganywa n'amategeko, kubahiriza amasaha y'akazi no kwishyura amasaha y'ikirenga, hagaragayemo ibibazo bitandukanye bisaba gukosorwa.

Muri ubwo bushakashatsi bwakorewe mu bigo 388, hagaragaye ko umubare muto cyane w'abakozi ari bo bafite ubumenyi ku mategeko abarengera mu kazi.

Perezida wa Komisiyo y'Abadepite, Madina Ndangiza, yavuze ko ibi bigaragaza icyuho gikomeye mu kumenya no gusobanukirwa amategeko y'umurimo.

Yagize ati: "Mu bigo 388 byakorewemo ubushakashatsi; 2,5% gusa ni bo bavuze ko bazi neza itegeko ry'umurimo. Ibi bisobanuye ko iryo tegeko ritazwi uko bikwiye."

Yongeyeho ati: "PSF ikwiye kongera imbaraga mu gushishikariza abikorera mu kumenya amategeko kuko ari ingenzi."

Yabasabye kandi kwishyiriraho uburyo bwo kwigenzura kugira ngo aho uburenganzira bw'umukozi butubahirijwe bakeburane.

Ni raporo igaragaza kandi ko 63,6% by'ibikorwa remezo mu bigo by'abikorera harimo inganda, ibigo by'uburezi, serivisi zitangwa mu rwego rwa serivisi zo kwakira abantu n'ubukerarugendo bitaroherereza abantu bafite ubumuga, bigaragaza icyuho mu iyubahirizwa ry'uburenganzira bwabo ku kazi.

Abadepite basabye PSF ko hashyirwa imbaraga mu bukangurambaga no guhugura abakozi n'abakoresha ku mategeko agenga umurimo.

Umuyobozi ushinzwe Ubuvugizi, Umutekano n'Ubuzima ku kazi muri PSF, Rusanganwa Leon Pierre, yashimangiye ko abakoresha bakwiye kwihatira kubahiriza uburenganzira bw'abakozi hisunzwe amategeko kuko iyo butubahirijwe bibashyira mu gihombo.

Yagize ati: "Iri tegeko turimo kurikorera ubukangurambaga kugira ngo abatarizi ntibacikanwe. PSF irimo gushishikariza abakoresha bose kuryubahiriza kuko byagaragaye ko bitaragerwaho."

Abadepite bavuze ko ibibazo bikigaragara mu nzego z'abikorera bijyanye no kutubahiriza amategeko agenga umurimo bazabishyikiriza Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo bakabiganira hagamijwe ko bikemurwa.

# Abana nibabwizwe ukuri kuri Jenoside yakorewe Abatutsi - Mukagasana Yolande

KAYITARE Jean Paul

***Umwanditsi w'ibitabo, Mukagasana Yolande, avuga ko abana bagomba kubwizwa ukuri ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Yabigarutseho ku mugoroba wo ku wa 09 Gashyantare 2026, ubwo yamurikaga igitabo yise 'Umurage w'Urubyiruko'.

Ni igikorwa cyabereye ku rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, kitabirwa na Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr. Bizimana Jean Damascène, Umuyobozi Mukuru w'Umuryango Aegis Trust mu Rwanda, Munyentwali Alphonse n'izindi nzego ndetse n'urubyiruko.

Mukagasana agaragaza ko yandikiye igitabo abantu bose atari urubyiruko gusa ariko akaba yararwibanzeho kuko rutazi amateka.

Umusore cyangwa umugore w'imyaka 40 ntacyo yibuka kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, ngo yibuka ibintu yagiye abona; abapfuye, inzu zishya cyangwa abatema ariko ntasobanukirwe kubera ko yari umwana.

Ati: "Uyu munsi rero niyemeje kubandikira igitabo ngo mwese musome, mumenye ukuri kw'amateka yaranze igihugu cyanyu kuko ni mwebwe muzasigara muri iki gihugu mukibyariramo."

Mukagasana akomeza avuga ko ababyeyi bagomba kubwiza abana babo ukuri.

Ati: "N'abaje kuba interahamwe bakica abandi si ko bavutse, barabigizwe. None se uyu munsi nitutabwira abana imitego abantu bakuru bagiye bagwamo bo bazayirinda gute? Ni ngombwa ngo bamenye ukuri."

Avuga ko umwana wamenye ukuri anamenya uko ahitamo, naho mu gihe atakumenye azahitamo nabi.

Umwanditsi Mukagasana ashaka ko ababyeyi bamenya ingengabitekerezo ya Jenoside ubwayo, umwana akamenya aho ingengabitekerezo ya Jenoside yaturutse, ntawakongera kumubeshya kuko ngo abantu barabeshywe kugira ngo bahinduke abicanyi.

Agira ati: "Babeshywe n'ababyeyi, babeshywe na Leta kandi n'ubu hari abatarasubiza inkota mu rwubati ni ko nabyita kuko kutabwiza umwana ukuri ni ko kudasubiza inkota mu rwubati."

Ibice by'ingenzi abantu bakwiye kumenya mu gitabo 'Umurage w'Urubyiruko' Mukagasana avuga ko ari ingengabitekerezo ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: "Nibamenye aho ituruka, bamenye uko igaragara, nibayiteho. Nibamenye ko habayeho Jenoside igakorerwa Abatutsi nta muntu ukibigiraho impaka, Noneho uyu munsi tumenye ngo tubane dute nk'Abanyarwanda, turerere u Rwanda gute, ko kurerera u Rwanda ari ukwirerera."

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr. Bizimana Jean Damascène, avuga ko abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi icyo bahisha ni uguhisha abayikoze no guhimbira abayikorewe kubahimbira icyo batari cyo no kubashakira icyaha no kugishakira abayihagaritse kuko itihagaritse.

Agira ati: "Jenoside yakorewe Abatutsi yakozwe n'Abahutu bemeye kwinjira mu mugambi wo gutsemba Abatutsi wari wateguwe na Leta."

Kuba benshi baremeye kwica abo basangiye Igihugu kuko badahuje ingengabitekerezo ya Gihutu nkuko byanditswe muri Kangura, abo ni bo bishe.

Minisitiri Dr. Bizimana avuga ko utaremeye iyo ngengabitekerezo itegeko rya Kangura yari ishyigikiwe na Leta ryagenaga ko yicwa.



**Ni byiza kandi ni ngombwa ko abana babwirwa ukuri ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**





# RDC itubahiriza ibyo yiyemeje iracyateye inkeke u Rwanda

IBIKURIKIRA URUP.1

mpuzamahanga umusanzu bakomeje gutanga mu rugendo rwo guharanira kugarura amahoro n'umutekano mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Ati: "Turashima umusanzu watanzwe na Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu korohereza Amasezenio y'Amahoro ya Washington ndetse na Leta ya Qatar mu gushyigikira Amasezerano y'Amahoro ya Doha."

Gusa yaboneyeho kuvuga ko u Rwanda rusanga intambwe yatewe n'ibyemejwe binyuze muri izo gahunda zombi bikwiye gushyirwa mu bikorwa n'umutima mwiza ku mpande zose bireba.

Yakomeje agira ati: "Ibyiza byagezweho binyuze muri aya masezerano bikwiye gushyirwa mu bikorwa nta yandi mananiza n'impande zose. Bityo, turacyatewe inkeke n'uko Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo ikomeje kurenga ku byo yiyemeje."

Dr. Nsengiyumva yavuze ko mu gihe Afurika ikomeje guhura n'ingorane zituma amahoro n'umutekano biyoyoka mu Turere dutandukanye, hari icyizere cyo kwiyemeza gukora ibiganiro, ubuhuza ndetse n'ingamba zigamije kugarura amahoro n'umutekano birambye.

Yavuze ko nubwo u Rwanda rwumvise ibyatangajwe muri raporo, harimo ibintu bitumvikana, bityo ko hazatangwa ibisobauro biboneye binyuze mu nzira zemewe mu bihe biri imbere.

Yashimangiye kandi ko amahoro arambye ku mugabane azashingira ku gukemura impamvu shingiro z'amakimbirane, harimo no gukemura ibibazo by'ubuyobozi, ubusumbane mu bukungu, guheza, no kwirinda kwibasira ubwoko buri mu kaga.

Agaruka ku byabaye mu 2025, Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yaboneyeho kugaragaza ko uyu mwaka wabayemo ibyiza byinshi mu rugendo rwo guharanira amahoro, aho u Rwanda rukomeje gutanga umusanzu ntagereranywa binyuze mu butumwa bwo kubungabunga amahoro bw'Umuryango w'Abibumbye ndetse n'ubushingiye ku bufatanye n'ibihugu.

Yavuze ko u Rwanda rwakomeje gushyigikira ibikorwa byo kurwanya iterabwoba muri Mozambique no kubungabunga amahoro muri Repubulika ya Santarafurika ari na ko abo rwohereza muri ibyo bihugu batanga umusanzu ukomeye mu kurushaho kunoza amahoro n'umutekano ndetse no kurushaho kunoza imibereho y'abaturage.

Yanagaragaje kandi ko u Rwanda rukomeje kwitabira ibikorwa byo kubungabunga amahoro mu ruhando mpuzamahanga, ku rwego rw'Akarere harimo n'Akarere k'Ibiyaga Bigari.

Yaboneyeho gushimira imbaraga zikomeje gutangwa na AU ndetse n'umusaruro w'Inama yo ku rwego rwo hejuru yabereye i Lomé muri Mutarama 2026 yashimangiye umusanzu wa AU mu gushyigikira ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano ya Washington n'aya Doha.

Ku birebana n'Amasezerano ya Washington, ku wa 27 Kamena 2025, RDC n'u Rwanda byashyize umukono ku masezerano y'amahoro yibanda ku kubahana no kubaha ubusugire n'ubutaka bw'ibihugu byombi, no gukemura amakimbirane binyuze mu nzira za politiki aho gukoresha intambara.

Naho ku birebana n'ibiganiro by'amahoro bya Doha, ku wa 15 Ugushyingo 2025, Guverinoma ya RDC n'umutwe wa M23 basinye amasezerano y'amahoro i Doha, muri Qatar, hagamijwe guhagarika intambara mu burasirazuba bwa Congo no gutegura inzira y'ibiganiro bya politiki.

Hagati aho, u Rwanda ruzirikana uburemere bw'ibibazo birimo kubera muri Sudani kandi rukaba rushyigikiye abakomeje gusaba ko habaho gutanga agahenge ku mpande zihanganye, ndetse no korohereza ibikorwa by'ubutabazi ari na ko hashyirwaho inzira zihamye zibageza ku mahoro n'umutekano.

# Nyabihu: Imiryango 21 000 yatangiye guhabwa amashanyarazi

IBIKURIKIRA URUP.1

Yagize ati: "Twacuruzaga twifashishije urumuri rwa buji, telefone nabwo twabaga twacaginze dukoze ingendo ndende. Ubu ngiye gushyiramo firigo, ngure na televiziyo, abakiriya banjye bajye bareba amakuru n'umupira. Bizadufasha kongera inyungu no guteza imbere umuryango."

Niyonzima Eric, umunyeshuri wiga mu mashuri yisumbuye, we yavuze ko kuba bafite amashanyarazi bizamufasha kwiga neza nijoro no gukoresha ikoranabuhanga.

Yagize ati: "Ubu tugiye kujya twiga mu mucyo uhagije kandi dukoreshe mudasobwa. Bitwongerera amahirwe yo gutsinda no kugera kure mu iterambere, tugiye kubyaza umusaruro ingufu z'amashanyarazi mu ikoranabuhanga harimo gusuduri , gushinga za salo n'ibindi bikenera umuriro w'amashanyarazi."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Habanabakize Jean Claude, avuga ko intego bafite ari ukugera ku 100% by'abaturage bafite amashanyarazi kugeza mu 2029.

Yagize ati: "Turi gukora ibishoboka byose kugira ngo mu myaka itanu iri imbere, buri muturage wese abe afite amashanyarazi. Ni inkingi y'iterambere ryihuse kandi rirambye, iyo umuriro wageze ku muturage na we awubyaza umusaruro."

Ubuyobozi bw'Akarere busaba abaturage gukomeza gutura mu midugudu no kubahiriza igishushanyombonera cy'imikoreshereze y'ubutaka, kuko bituma ibikorwa remezo birimo amashanyarazi bibageraho ku buryo bworoshye kandi bwihuse.

Akarere ka Nyabihu katangiye gahunda ya NST1 mu 2017 gafite abaturage bagerwaho n'amashanyarazi ku kigero cya 27%. Mu 2024 iki kigero cyari kigeze kuri 60,6%, bikaba biteganyijwe ko umushinga nurangira kizazamuka kigere nibura kuri 92%.

Uyu mushinga uri gushyirwa mu bikorwa na Sosiyete ishinzwe gukwirakwiza amashanyarazi (EDCL), ufite ingengo y'imari ya miliyoni 14,7 z'amadolari ya Amerika (asaga miliyari 21,4 Frw) hiyongeraho arenga miliyari 5 Frw.

Ugeze ku kigero cya 82,9%; aho ingo 17 209 zamaze kugezwaho amashanyarazi aturutse ku murongo mugari.



**Hari icyizere ko umuriro w'amashanyarazi ugera ku baturage 100% bitarenze 2029**

# RWACOF yizihije imyaka 30 itangije uburyo bushya bw'imikoranire na ba nyir'inganda zitunganya ikawa

KAMALIZA Agnes

***RWACOF, imwe mu masosiyete akomeye akora ibijyanye n'ikawa mu Rwanda, yizihije imyaka 30 imaze ikorera mu gihugu itangiza uburyo bushya bw'imikoranire na ba nyir'inganda zitunganya ikawa, bugamije kugabanya ingaruka mbi, kwongera ubunyamwuga ndetse no gushimangira umurongo ngenderwaho kandi uhamye mu guhuza urujya n'uruza rw'agaciro k'ikawa.***

Iyo sosiyete yashinzwe mu mwaka wa 1996, imaze kwiyubaka nk'ikigo cya mbere mu Rwanda gitunganya kandi cyohereza ikawa yo mu rwego rwo hejuru ku isoko mpuzamahanga kandi gikorana bya hafi n'abahinzi, inganda zitunganya ikawa ndetse n'abandi batura Rwanda.

Nk'imwe mu mashami ya sosiyete mpuzamahanga izwi kw'izina rya Sucafina, RWACOF ivuga ko iri kwibanda cyane mu gushyira imbere imikorere itekanye kandi iri mu buryo cyane ko muri iki gihe urwego rw'ikawa rukomeje guhura n'imbogamizi zirimo ihindagurika ry'ibiciro ku isoko, ibibazo by'amafaranga mu mikorere ya buri munsi ndetse n'ubucuruzi bushingiye ku bihuha.



Emmanuel Akiba, Umuyobozi ushinzwe ibikorwa muri RWACOF

**Impinduka mu buryo bwo gucunga ibyago, ingaruka mbi n'ibihombo by'isizeni y'ikawa**

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ibikorwa muri RWACOF, Emmanuel Akiba, yavuze ko ba nyir'inganda zitunganya ikawa benshi bagikora bafite impungenge zishingiye ku byago byo mu gihe cy'isizeni y'isarura ry'ikawa.

Yagize ati: "Ba nyir'inganda zitunganya ikawa bafite uruhare rukomeye mu rwego rw'ikawa, ariko akenshi ni bo bagirwaho ingaruka mbi nyinshi z'imari n'isoko. Ubu buryo bushya bugamije kuzigabanya."

Muri iyi mikoranire mishya, RWACOF itanga inkunga iteguwe neza yo kugura ibitumbwe by'ikawa, ikemera kwakira ikawa yose y'amaganda yatunganyijwe, bityo igakuraho igitutu n'ingaruka mbi ziterwa n'ubucuruzi bushingiye ku bihuha. Abafatanyabikorwa na bo biyemeza gukorera ku mahame asobanutse y'imikorere, ubunyamwuga ndetse no gukorera mu mucyo.

RWACOF kandi ivuga ko ubu buryo bugamije gukuraho imikoranire y'igihe gito kandi ishingiye ku bucuruzi butarambye, hagamijwe kubaka umubano w'igihe kirekire ushingiye ku kwizerana ndetse no guhozaho.

Akiba yongeyeho ati: "Ubu bufatanye butuma ba nyir'inganda zitunganya ikawa bibanda cyane mu kunoza imikorere ndetse no kwita ku buziranenge bw'ikawa, RWACOF yo ikibanda cyane mu gutanga uburyo busobanutse bw'imikorere, uburyo bwo kubona isoko y'ikawa ndetse n'imikorere idahindagurika."

**Kubaka urwego rw'ikawa rwuje ubunyamwuga**

RWACOF ivuga ko intego y'iyi mikoranire itagarukira gusa mu kwagura ibikorwa byayo, ahubwo igamije gutanga umusanzu mu kubaka urwego rw'ikawa rufite ubunyamwuga kandi ruhamye mu Rwanda.

Mu bihe biri imbere, iyi sosiyete irateganya kwagura umubare w'inganda zitunganya ikawa z'abafatanyabikorwa, ikomeza gushora imari mu ikoranabuhanga rishyigikira gukurikirana inkomoko y'ikawa, kugenzura ubuziranenge ndetse no kubaka umubano urambye.

Yakomeje agira ati: "Mu gihe twizihiza imyaka 30, icy'ingenzi ni ukwibanda ku kubaka uburyo bukomeye bw'imikoranire buzafasha igisekuru cy'ahazaza cy'abashoramari mu ikawa."

RWACOF ishimangira ko ejo hazaza h'urwego rw'ikawa mu Rwanda hazubakwa binyuze mu bufatanye ndetse n'imikoranire by'abafatanyabikorwa batandukanye.

# Ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 7,5% muri Mutarama 2026

UBWANDITSI

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare (NISR), cyatangaje ko ibiciro ku masoko mu Rwanda byiyongereyeho 7,5% mu kwezi kwa Mutarama 2026 ugereranyije n'ukwezi k'Ukuboza 2025.***

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Mutarama 2026 ni iby'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,3%; ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 14,9%; ibiciro by'inzu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 5,9%, n'iby'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 18,2%.

Ugereranyije Mutarama 2026 n'Ukuboza 2025, ibiciro byazamutseho 0,6%. Iri gabanyuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 4,1% ndetse n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 4,1%.

Ku birebana n'ibiciro mu mijyi, muri Mutarama 2026, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 8,9% ugereranyije na Mutarama 2025, mu gihe byari byiyongereyeho 8% mu kwezi k'Ukuboza 2025.

Muri Mutarama 2026, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,3%; ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 15,6%; ibiciro by'inzu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 10,5%; n'iby'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 71,1%.

Nanone kandi ibyongereye ibiciro ni iby'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 8,6% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 19,2%.

Ugereranyije Mutarama 2026 n'Ukuboza 2025, ibiciro byiyongereyeho 1,3%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,5%, ibiciro by'inzu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 2% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 5%.

Ugereranyije Mutarama 2026 na Mutarama 2025, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 8,9%.

Ku birebana n'ibiciro mu byaro, muri Mutarama 2026, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 6,5% ugereranyije na Mutarama 2025.

Ibiciro mu kwezi k'Ukuboza 2025 byari byiyongereyeho 3,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Mutarama 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,3%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 14,6% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 16,9%.

Ugereranyije Mutarama 2026 n'Ukuboza 2025, ibiciro byiyongereyeho 0,1%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 2,9%.



Ibiciro ku masoko byiyongereyeho 7,5% muri Mutarama 2026 ugereranyije n'umwezi k'Ukuboza 2025





# Barbados yiyemeje gukomeza gutsura umubano n'u Rwanda



Perezida Kagame afata Mia Mottley nka mushiki we bahuje icyerekezo cy'iterambere rya Afurika na Karayibe

NTAWITONDA Jean Claude

***Nyuma yo kwakira ubutumwa bwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame bumwifuriza ishya n'ihirwe muri Manda ya gatatu nka Minisitiri w'Intebe wa Barbados, Mia Mottley yashimangiye ukwiyemeza kwe mu gukomeza kwimakaza umubano igihugu cye gifitanye n'u Rwanda.***

Perezida Kagame ni umwe mu Bakuru b'Ibihugu na Guverrinoma ku Isi bohererej ubutumwa bushimira bukanifatanya mu byishimo na Mia Mottley wongeye gutorerwa kuyobora Barbados nka Minisitiri w'Intebe, mu matora rusange yabaye ku wa 11 Gashyantare 2026.

Ishyaka rye BLP ni ryo ryegukanye imyanya yose mu Nteko Ishinga Amategeko, akaba ari inshuro ya gatatu uyu Mudamu atsinze amatora ari na we mugore wa mbere ku Isi uyoboye Guverinoma igihe kirekire.

Madamu Mia Mottley asubiza ubutumwa bwa Perezida Kagame, yavuze ko Barbados iha agaciro umubano ifitanye n'ibihugu bya Afurika by'umwihariko u Rwanda, anashimangira ko muri manda nshya yiteguye gushyira imbere kwimakaza ubutwererane.

Yagize ati: "Barbados iha agaciro gakomeye umubano ifitanye n'u Rwanda. Niteguye kurushaho kongerera imbaraga ubutwererane dufitanye mu gihe dukomeza kwimakaza kwihesha agaciro, guhanga amahirwe n'uburumbuke ku baturage bacu.

Yiyemeje gukomeza kwimakaza imikoranire myiza hagati y'ibihugu byombi, irushaho kubifasha kuba ibicumbi by'inzego zinyuranye mu Turere biherereyemo, by'umwihariko mu gukurura ishoramari no kurushaho kwimakaza iterambere.

U Rwanda na Barbados bifitanye umubano ukomeye ushingiye ku bufatanye mu nzego zinyuranye z'ubukungu n'ubucuruzi, cyane cyane nyuma y'uruzinduko rwa Perezida Paul Kagame muri icyo gihugu muri Mata 2022.

Madamu Mia Mottley na we aheruka gusura u Rwanda ku wa 10 Ugushyingo 2022, aho yasobanuye ko ibihugu byombi bifitanye umubano ushingiye ku mateka ya Afurika na Karayibe, aho Uturere twombi dusabwa gukomeza gushimangira uwo mubano binyuze mu nzego zinyuranye.

Yashimangiye ko amateka akwiye guhinduka hagati ya Afurika na Karayibe maze hagatangira icyerekezo gishya cy'ubufatanye bushingiye ku bwubahane, ubutwererane ndetse n'amahirwe yagutse ku baturage b'Uturere twombi.

Yagaragaje kandi ko u Rwanda ari igihugu cy'ingenzi mu gufasha Barbados kugera ku ntego za politiki mpuzamahanga, cyane cyane mu gushimangira ubufatanye hagati y'ibihugu byo mu majyepfo y'Isi (South-South cooperation).

Perezida Paul Kagame na Minisitiri w'Intebe wa Barbados, Mia Amor Mottley, bakunze kwita uyu mubano uw'abavandimwe mu iterambere bashimangira ko ari ubufatanye bushingiye ku kwigira, kwigenga, no guteza imbere abaturage babo.

U Rwanda na Barbados byitabiriye Inama y'Ubucuruzi n'Ishoramari ihuza Afurika n'Ibirwa bya Karayibe (AfriCaribbean Trade and Investment Forum/ACTIF) yateranye bwa mbere mu Nzeri 2022.

Ibihugu byombi byasinye amasezerano agamije kunoza ingendo zo mu kirere, ubucuruzi, ishoramari, ubukerarugendo n'ikoranabuhanga.

Ku birebena n'ingendo zo mu kirere, byagarutsweho ko RwandAir ishobora gutangira ingendo zihuza Kigali n'Umurwa Mukuru wa Barbados (Bridgetown) kugira ngo byorohereze ubucuruzi n'urujya n'uruza rw'abantu.

Mu rwego rwo guteza imbere ubukerarugendo n'umuco, Barbados yafashije u Rwanda gutangiza umukino wa 'Road Tennis' mu kwezi k'Ugushyingo 2022, aho ibibuga byubatswe hagati ya Kigali Convention Centre na Kigali Heights.

Ibihugu byombi biri mu Muryango w'Ibihugu bikoresha Icyongereza (Commonwealth), bikaba ari ishingiro ry'ubufatanye bwabyo.

U Rwanda na Barbados rero ntibareba gusa inyungu z'ubucuruzi, ahubwo bashaka kubaka umubano w'igihe kirekire ugaragaza ko Afurika na Karayibe bishobora gufatanya mu iterambere no mu guharanira ijwi rikomeye ku rwego mpuzamahanga.




Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Olivier Nduhungirehe, yitabiriye Inama ya 48 y'Akanama ka AU

# Minisitiri Nduhungirehe yitabiriye Inama ya 48 y'Akanama ka AU

SHEMA Ivan

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Olivier Nduhungirehe, yitabiriye Inama ya 48 y'Akanama k'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe, ibanziriza iya 39 y'Abakuru b'Ibihugu iteganyijwe ku wa 14-15 Gashyantare 2026.***

Iyi nama y'iminsi ibiri iri kubera i Addis Ababa muri Ethiopia yahereye ku wa Gatatu, tariki ya 11 Gashyantare 2026, ifite insanganyamatsiko igira iti: "Ikwirakwizwa ry'amazi n'ibikorwa by'isuku n'isukura mu buryo burambye hagamijwe kugera ku ngamba zikubiye mu Cyerekezo 2063".

Atangiza ku mugaragaro iyi nama, Perezida wa Komisiyo y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe, Mahmoud Ali Youssouf yagaragaje ko amazi ari umutungo w'ingenzi uhuriweho ugomba kubungabungwa mu gihe cy'imihindagurikire y'ibihe kandi ugakoreshwa nk'igikoresho cy'amahoro n'ubufatanye hagati y'ibihugu bigize uyu Muryango.

Yagize ati: "Mu gihe habayeho imihindagurikire y'ibihe, gukoresha amazi neza mu buryo bukwiye mu mibereho ya buri munsi ni ngombwa cyane. Uyu mutungo w'ingenzi ugomba gufatwa nk'inyungu rusange kugira ngo ubungabungwe uko byagenda kose kandi ukaba umuyoboro wo guhuza ibihugu byacu no kugira amahoro."

Aka kanama ka AU ni rumwe mu nzego z'ibanze zigize uyu muryango, kagizwe na ba Minisitiri b'Ububanyi n'Amahanga mu bihugu by'ibinyamuryango cyangwa abandi bagenwa ngo bahuze ibikorwa n'ibyemezo kuri politiki zigenga inzego ibyo bihugu bifitemo inyungu rusange n'ibindi.

# Afurika igomba kwigira aho gutegereza inkunga- Dr Nsengiyumva



Minisitiri w'Intebe, Dr Nsengiyumva Justin ahamya ko Afurika itagomba gutegereza inkunga z'amahanga

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda, Dr Nsengiyumva Justin, yatangaje ko ibihugu bya Afurika bikwiye gushyiraho ingamba zifatika zo guteza imbere umugabane wa Afurika byibanda ku bushobozi bwabyo, aho gukomeza gutegereza inkunga z'amahanga.***

Yabigarutseho ku wa Kabiri, tariki ya 10 Gashyantare 2026, ubwo yitabiraga Inama ya 43 ya Komite Nyobozi igizwe n'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma ishinzwe gutanga icyerekezo cy'Ikigo cy'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe gishinzwe Iterambere (AUDA-NEPAD) binyuze muri gahunda ya NEPAD.

Dr Nsengiyumva wari uhagarariye Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, muri iyo nama yitabiriye yifashishije ikoranabuhanga, yavuze ko iyi nama yabaye mu gihe Isi iri mu bihe by'ihindagurika rikomeye ry'imibereho y'abayituye.

Yagize ati: "Turahura mu gihe isi irimo kunyura mu bihe birangwa n'ukutamenya neza ahazaza, bitewe n'imihindagurikire y'imibanire ya politiki mpuzamahanga, ibura ry'amikoro, ndetse n'igitutu gikomeje kwiyongera ku mikorere y'inzego mpuzamahanga."

Yakomeje agira ati: "Mu bihe nk'ibi, hari ukuri kugaragara neza, ibisubizo birambye kandi bihindura ubuzima bw'abaturage ku buryo bufatika bigomba guturuka imbere mu mugabane wacu."

Yashimangiye ko nubwo ubufatanye mpuzamahanga bukomeje kuba ingenzi, Afurika igomba gushyira imbere umusanzu wayo.

Ati: "Afurika igomba gukomeza gushikama mu kuyobora gahunda yayo y'iterambere, inkunga zituruka hanze ntizikwiye kuruta cyane umusanzu w'ibihugu bigize Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU). Ibi ni ingenzi cyane muri gahunda y'ivugurura rya AU no mu kwiyemeza kwacu ko tugomba kwigira no kwiyubakira ubushobozi."

Iyi nama yayobowe na Perezida wa Misiri, Abdel Fattah El-Sisi, wari Perezida usoje manda w'iyo Komite. Yitabiriwe kandi na Perezida wa Angola, João Lourenço, uyoboye AU, ndetse na Mahmoud Ali Youssouf, Perezida wa Komisiyo ya AU, hamwe n'abandi bayobozi batandukanye.

Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva yashimye intambwe AUDA-NEPAD imaze gutera mu gushimangira ubwigenge bwa Afurika mu by'imari, agaragaza gahunda zirimo Ihuriro ry'Ibigo by'Imari bya Afurika (Alliance of African Multilateral Financing Institutions).

Ikigega cy'Iterambere rya Afurika (African Development Fund), gahunda yo gushora 5% by'imari y'ibigega byo guteganyiriza izabukuru (5% Pension Fund Agenda), ndetse no kongera ubufatanye n'abikorera.

Yavuze ko izi gahunda ari ingenzi mu kubaka urwego rw'imari rwihagije kandi rwigenga ku mugabane.

Dr Nsengiyumva yanagaragaje ko u Rwanda, nk'Igihugu cyahawe inshingano zo kuyobora gahunda yo gushaka imari y'imbere mu gihugu mu rwego rw'ubuzima muri AU, rwishimiye intambwe ikomeje guterwa mu bikorwa by'ubuzima ku rwego rw'akarere.

Yavuze ko hashyizweho Ihuriro rishinzwe inkunga mu by'Imari iteza imbere urwego rw'Ubuzima (Regional Health Financing Hubs) mu miryango irimo EAC, IGAD, SADC, ECOWAS na ECCAS.

Ati: "Aya mahuriro afasha ibihugu binyuze mu bujyanama bwa tekiniki no mu biganiro ku rwego rw'igihugu bigamije kongera ubushobozi bwo gukusanya umutungo w'imbere mu gihugu no kunoza imicungire yawo."

Yasabye AU n'imiryango y'ubukungu yo mu turere tw'Afurika, gushyiraho abakozi bahoraho n'ingengo y'imari irambye kuri ayo mahuriro.

Yakomeje ashimira udushya turi kuzana impinduka mu rwego rw'ubuzima, harimo Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Isoko ry'ibijyanye n'Ubuvuzi (Collaborating Centre for Health Market Development) muri gahunda ya PIFAH, ndetse na Horizon 1000 ishyigikiwe na Fondation Gates na Open AI.

Ati: "Niba bishyizwe mu bikorwa neza, utu dushya dushobora kongera imikorere myiza, kugabanya ibura ry'abakozi mu rwego rw'ubuzima no kwagura serivisi z'ubuvuzi ku mugabane wacu."

Yanashimye intambwe iri guterwa mu gushyira mu bikorwa Ikigo Nyafurika Gishinzwe Imiti (African Medicines Agency) gifite icyicaro i Kigali, avuga ko ari intambwe ikomeye mu gushimangira ubufatanye mu kugenzura ubuziranenge bw'imiti no kurwanya itujuje ubuziranenge.

Yakomeje ati: "Mu gihe twubakira kuri izi ntambwe, bityo dukoreshe aya mahirwe twiyemeje gukomeza kwigira, guhanga udushya no gufatanya. Uyu ni wo murongo uzatugeza kuri Afurika twifuza."

AUDA-NEPAD yashinzwe mu 2018, igamije guhuza no gushyira mu bikorwa imishinga y'ingenzi ku rwego rw'umugabane no mu turere, kongerera ubushobozi ibihugu bigize AU, gushaka imari no gutanga ubujyanama bwa tekiniki mu gushyira mu bikorwa Icyerekezo 2063.

Komite Nyobozi igizwe n'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma ni rwo rwego rwo hejuru ruyobora AUDA-NEPAD, rutanga icyerekezo cya Politiki n'ingamba. Igizwe n'ibihugu 33.

Perezida wa Angola, João Lourenço, ni we watowe nk'Umuyobozi mushya w'iyo Komite Nyobozi.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Ni ingenzi kugira ubumenyi ku mategeko*

Mu myaka myinshi yahise, ibyiciro bitandukanye by'abantu bagiye bahohoterwa mu muryango n'ibihugu bitandukanye, ariko bakabimenyera kubera ko bumvaga ari bwo buzima cyangwa ari ko Isi iteye.

Bamwe bagiye bamenya amategeko abarengera, bigatuma bahindura byinshi. Nk'uko bigaragazwa n'inyandiko zinyuranye z'amateka, icyitwa amategeko gifite umuzi mu iterambere ry'imibereho n'umuco w'abantu nk'irya Mezopotamiya.

Icyari kigamijwe kwari ukurushaho kunoza imiyoborere n'imitegekere y'abaturage bafite umurongo n'icyerekezo bahuriyeho. Kugeza n'uyu munsi, amategeko agira uruhare rukomeye mu kuyobora icyerekezo cy'abaturage mu gutanga no kubona ubutabera.

Ubumenyi bw'amategeko si urufunguzo rwo kumenya uburenganzira gusa ahubwo n'imbarutso yo kubasha kuvuga no kwiregura udafite ubwoba, haba ku kazi, mu muryango cyangwa mu buzima rusange.

Nyamara usanga mu kazi hari abantu bamwe babaho hari byinshi bibarengera bikubiye mu mategeko yabashyiriweho ariko ugasanga bamenyereye kubaho mu karengane gashobora gushyira ubuzima bwabo mu kaga.

Imibare yatangajwe muri raporo ya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yo mu mwaka wa 2024/2025, igaragaza ko abakora mu bikorera bangana na 2,5% gusa ari bo bazi amategeko abarengera.

Ibyo bishobora kuba biterwa n'uko abasaba akazi mu bikorera birengagiza ibyo kumenya uburenganzira bwabo kubera ko bumva atari ngombwa cyangwa bahangayikishijwe no kuguma mu kazi uko baba bafashwe kose.

Kubona akazi ni kimwe ariko no kugakora ubayeho nk'umucakara kandi hari amategeko yakabaye akurengera ni ikindi. Ubujiji ku mategeko ku bakoresha no ku bakozi, butuma bamwe barengana abandi bakarenganywa n'ingorane zakabaye zikemurwa gusa n'imbaraga y'amategeko atanga umurongo.

Ikibabaje ni uko umuntu utazi amategeko aba adakingiye ku bihano bishobora guturuka ku kuyarengaho mu gihe bimusaba kuyitabaza ngo aharanire uburenganzira abura ashobora kubibura.

# 2025/2026: Ingengo y'Imari yagabanyutseho asaga miliyari 80 Frw

ZIGAMA Theoneste



Minisitiri Yusuf Murangwa yatangaje ko izi mpinduka zatewe cyane no kubona inguzanyo zifite inyungu nke

***Guverinoma y'u Rwanda yavuguruye ingengo y'imari y'umwaka wa 2025/2026, irayigabanya igera kuri miliyari 6.952,1 Frw, aho hagabanyutse miliyari 80,4 Frw, hashingiwe ku micungire myiza y'imari no ku kwimukira ku buryo bwo kubona inguzanyo zihendutse zo gutera inkunga imishinga minini y'Igihugu.***

Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi yatangaje ko izi mpinduka zatewe cyane no kubona inguzanyo zifite inyungu nke (concessional financing) n'iz'imbere mu gihugu zihendutse zizifashishwa mu mishinga irimo uw'Ikibuga Mpuzamahanga cy'Indege gishya cya Kigali, ndetse no kwishyura umwenda wa RwandAir bikazimurirwa mu mwaka w'ingengo y'imari utaha.

Izi ngamba zombi hamwe zagabanyije amafaranga yagombaga kuguzwa mu ngengo y'imari angana na miliyari 645,4 Frw.

Ageza ku Nteko rusange y'Umutwe w'Abadepite iyo ngengo y'imari ivuguruye, Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Yusuf Murangwa, yavuze ko izi mpinduka zishingiye ku isuzuma ryimbitse ryakozwe harebwa aho ishyirwa mu bikorwa rigeze ndetse n'imiterere y'ingengo y'imari n'uburyo bwo kuyishakira amafaranga mu gihe gisigaye cy'umwaka w'ingengo y'imari.

Depite Deogratias Bizimana Minani yabajije impamvu ingengo y'imari yagenewe Icyiciro cya Kabiri cy'Ikibuga Mpuzamahanga cy'Indege cya Kigali yagabanyijwe.

Yagize ati: "Kuki habayeho kugabanya amafaranga kandi ingengo y'imari yari yamaze kwemezwa? Ese imibare ya mbere yari itarabaruwe neza, cyangwa ibiciro by'ibikoresho by'ubwubatsi byaragabanyutse? Kuko iri tandukaniro si rito."

Minisitiri Murangwa yasobanuye ko igabanyuka ry'ingengo y'imari ritaturutse ku makosa yakozwe mu igenamigambi, ahubwo rishingiye ku kuba harabonetse uburyo bwo kubona inguzanyo ku nyungu nto kurushaho.

Yagize ati: "Igihe twateguraga ingengo y'imari ya mbere, twashyizemo igishushanyo kireba ibihe bibi bishobora kubaho (worst-case scenario). Twatekereje ko bishobora gusaba kuguza mu mabanki y'ubucuruzi, aho inyungu ziba ziri hejuru. Muri icyo gihe, twari twateganyije hafi miliyoni 400 z'amadolari ya Amerika zagenewe umushinga w'ikibuga cy'indege."

Yakomeje asobanura ko ibiganiro Leta yagiranye na Banki y'Isi byatumye haboneka uburyo bwo kubona inguzanyo ku nyungu nto kurushaho.

Yagize ati: "Banki y'Isi yemeye gutanga 95% by'amafaranga akenewe, binyuze mu nguzanyo zifite inyungu nke (concessional loans) kandi tukazajya tubona amafaranga yose igihe azaba akenewe. Mbere twari duteganyijwe kuyahabwa muri Kamena cyangwa Nyakanga umwaka utaha, ariko ubu igihe cyo kuyabona kiroroshye kandi kirahinduka bitewe n'uko azaba akenewe."

Yavuze ko iri vugurura ritazadindiza ibikorwa byo kubaka ikibuga cy'indege.

Ati: "Ni yo mpamvu amafaranga yagenewe ikibuga cy'indege yagabanyutse mu ngengo y'imari, mu gihe ayagenewe izindi nzego z'ingenzi yiyongereye."

Iri vugurura rinagaragaza igabanyuka rya miliyari 198 Frw mu ngengo y'imari isanzwe ikoreshwa (recurrent budget), iva kuri miliyari 4.312,9 Frw igera kuri miliyari 4.114,9 Frw.

Nk'uko Minisitiri Murangwa yabisobanuye, iri hinduka rishingiye ku mpinduka mu kwishyura imyenda ya Leta, inkunga zitangwa, amafaranga ava mu bigo bya Leta, ndetse n'akoreshwa mu kugura ibikoresho na serivisi.

Hagati aho, amafaranga y'ishoramari n'iterambere yiyongereyeho miliyari 253,2 Frw, agera kuri miliyari 2.115,8 Frw. Minisitiri Murangwa yavuze ko uku kwiyongera kugaragaza ubushake bwa Leta bwo gukomeza guteza imbere ibikorwa remezo no gushyira imbaraga mu byihutirwa ku rwego rw'Igihugu.

Amafaranga azaturuka hanze y'igihugu (external financing) ateganyijwe kwiyongeraho miliyari 250,5 Frw, ahanini biturutse ku nkunga n'inguzanyo zifite inyungu nke zigamije gushyigikira imishinga y'iterambere.

Ku rundi ruhande, imisoro n'andi mafaranga akusanywa imbere mu gihugu byongereweho miliyari 41 Frw, bigaragaza umusaruro mwiza mu kwinjiza imisoro no gukomeza kuzamuka kw'ubukungu.

Murangwa yashimangiye ko iri vugurura atari ugusubira inyuma mu ntego z'ingengo y'imari, ahubwo ari uguhuza igenamigambi n'imiterere nyayo y'amafaranga azaboneka, hagamijwe kunoza ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari.

Nyuma y'ibiganiro, Abadepite bose batoye bashyigikira ingengo y'imari ivuguruye, biha Guverinoma uburenganzira busesuye bwo kuyishyira mu bikorwa mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026.

# Rwinkwavu Mining Corporation icukura Gasegereti yavanye abaturage mu bukene

KAYITARE Jean Paul

***Abatuye mu Murenge wa Rwinkwavu mu Karere ka Kayonza mu Ntara y'Iburasirazuba, barishimira akazi bahawe n'isositeye icukura gasegereti 'Rwinkwavu Mining Corporation (RMC LTD)' bikaba byarabafashije kwivana mu bukene.***

Uwumuremyi Yvone umaze imyaka 5 akora muri RMC LTD ndetse na Mukantaganda Gertrude w'imyaka 60 umwe mu batujwe mu nzu nziza ijyanye n'igihe, bahamya ko bateye imbere biturutse ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro bukorwa n'iyo sosiyete muri Rwinkwavu.

Avuga ko akazi akora muri RMC LTD kamufashije kwishyurira umwana we amashuri makuru kugeza arangije.

Si ibyo gusa kuko ngo yashoboye kwizigamira mu matsinda bituma agura inka.

Ati: "Njye naje gukorera hano mfite ikibazo cy'abana batiga kubera ko nari narabuze amafaranga y'ishuri kandi mbona abana banjye bafite ubwenge, naraje ndakora bakajya bampemba ku kwezi.

Mu mafaranga nakuraga hano, nashoboye kumurihira muri Kaminuza ya Mount Kigali, ubu ararangije kuko yambaye ku itariki 16 Ukuboza 2025."

Ahamya ko mituweli ayishyurira igihe abikesheje akazi akora muri RMC LTD kandi ko yaguze inka, agashimangira ko azajya mu kiruhuko cy'izabukuru agikorera iyo sosiyete ikora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro muri Rwinkwavu.

Mukantaganda Gertrude wubakiwe inzu n'ubuyobozi bwa Rwinkwavu Mines, yabwiye Imvaho Nshya ko yishimiye kuba atuye mu nzu yubakiwe na kampani ikora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro i Rwinkwavu.




Abakozi ba RMC Ltd bavuga ko bazakomeza gukora kinyamwuga

Avuga ko yubakiwe nyuma y'aho abwiwe ko aho atuye intambi zimusenyera ni ko kubakirwa inzu nziza itandukanye n'iyo yari atuyemo.

Agira ati: "Baraje bati, ahantu mutuye intambi ziraturika zikaba zabagirira nabi bati muze, badutuza hano kandi turahishimiye."

Uyu mukecuru ahamya ko kuba atuye ahantu hari ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ari ibintu byiza kuko abana babo babona akazi.

Tito Barahira, umuyobozi w'Umudugudu wa Muganza mu Kagari ka Muhondo, ahamya ko abantu benshi bakora mu mabuye y'agaciro kandi ko yabateje imbere.

Ati: "Ni ukuvuga ngo abana barize bitewe no kubona amabuye y'agaciro bityo abana bakabona amafaranga y'ishuri.

Ikindi ahantu hose hubatse inzu, abantu boroye inka, abantu bafite iterambere bitewe n'ayo mabuye y'agaciro."

Ahamya ko abatuye muri izo nzu bari batuye mu nzu zendaga kubagwaho ariko RMC LTD ibubakira umudugudu mwiza.

Ati: "Iryo ni iterambere kuko iyo umuturage atuye heza, afite isuku, iryo ni iterambere ry'umuturage."

Kalima Jean Malic, Umuyobozi Mukuru wa RMC LTD, avuga ko ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro muri Rwinkwavu yatangiye gucukurwa mu 1946.

Mu kiganiro na Imvaho Nshya, yavuze ko ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bakora abaturage babwungukiraho kandi bagatera imbere. Kuri we ngo inyungu ivuyemo, isosiyete iyigabana n'abaturage.

Agira ati: "Icyo batwungukiraho ni umurimo, bahabwa akazi, bagahembwa kandi mu by'ukuri ni nkaho tugabana kuko icyavuyemo ni nkaho babonamo icya kabiri mu byo tuba twashoye.

Hari bamwe tugenda twubakira inzu, hari imidugudu twagiye twubaka dufatanyije n'Inzego zibanze. Iyo wahaye umuntu umurimo, ukamuha icyo akeneye, ibyo byose ni ukugira ngo ukora hano agire ubuzima bwiza."

Avuga ko mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 na nyuma gato, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bwakorwaga na Leta ndetse n'Abakoloni.

Kalima avuga ko hagiye habaho guhindura ubuyobozi kugeza aho abashoramari b'Abanyarwanda batangira kuhakorera mu 2008.

Ati: "Twaje dusanga harackuwe kera, ahenshi hangizwa mu bihe byinshi ariko kuva mu 2008 twatangiye gukorana n'Abanyarwanda bari basanzwe bafite ubumenyi mu bintu by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Icyiza ni uko tumaze kugira abana b'Abanyarwanda bize ari bo mubona bakorera hano. Dufite abize ibijyanye n'ubumenyi bw'amabuye (Geology) aba enjeniyeri muri Mine, ubu ni bo dusigaye dukorana na bo."



I Rwinkwavu hubatswe uruganda rugiye kujya rutunganya amabuye y'agaciro mbere yo koherezwa ku isoko mpuzamahanga

Ashimira Leta y'u Rwanda yumvise icyifuzo cy'abakora mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro (Geology & Mine) kuko hariho ikibazo cy'abize ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Ati: "Tugeze mu gihe cyiza abana bacu bize, ubu na bo bashobora kujya gukorera n'ahandi kuko muri ibi bice turimo by'Umugabane w'Afurika nta amashuri menshi ahari yigisha ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Ayo mashuri menshi yagiye afunga aho yari ari mu bihugu cyane cyane duturanye, yewe n'i Burayi."

Ahamya ko nta gushidikanya ko mu Rwanda haba ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro kandi bufitiye akamaro Igihugu n'Abanyarwanda.

Kalima avuga ko batangiye gutekereza uko bajya bohereza hanze amabuye y'agaciro amaze gusukurwa kuko kera habagaho kugurisha, ukagurisha n'ibirimo bindi bitazwi ugasanga abaguze, baguze gasegereti ariko harimo n'ibindi.

Mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro bukorwa na RMC LTD, bwita ku kurengera ibidukikije kandi batubura ingemwe z'ibiti biterwa ahacukuwe mu rwego rwo gusimbuza ibiti byaranduwe.

***Abatuye mu Murenge wa Rwinkwavu mu Karere ka Kayonza mu Ntara y'Iburasirazuba, barishimira akazi bahawe n'isositeye icukura gasegereti 'Rwinkwavu Mining Corporation (RMC LTD)' bikaba byarabafashije kwivana mu bukene.***

Uwumuremyi Yvone umaze imyaka 5 akora muri RMC LTD ndetse na Mukantaganda Gertrude w'imyaka 60 umwe mu batujwe mu nzu nziza

KOMEZA KU RUP.9





# Rwinkwavu Mining Corporation icukura Gasegereti yavanye abaturage mu bukene

IBIKURIKIRA URUP.8

ijyanye n'igihe, bahamya ko bateye imbere biturutse ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro bukorwa n'iyo sosiyete muri Rwinkwavu.

Avuga ko akazi akora muri RMC LTD kamufashije kwishyurira umwana we amashuri makuru kugeza arangije.

Si ibyo gusa kuko ngo yashoboye kwizigamira mu matsinda bituma agura inka.

Ati: "Njye naje gukorera hano mfite ikibazo cy'abana batiga kubera ko nari narabuze amafaranga y'ishuri kandi mbona abana banjye bafite ubwenge, naraje ndakora bakajya bampemba ku kwezi.

Mu mafaranga nakuraga hano, nashoboye kumurihira muri Kaminuza ya Mount Kigali, ubu ararangije kuko yambaye ku itariki 16 Ukuboza 2025."

Ahamya ko mituweli ayishyurira igihe abikesheje akazi akora muri RMC LTD kandi ko yaguze inka, agashimangira ko azajya mu kiruhuko cy'izabukuru agikorera iyo sosiyete ikora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro muri Rwinkwavu.

Mukantaganda Gertrude wubakiwe inzu n'ubuyobozi bwa Rwinkwavu Mines, yabwiye Imvaho Nshya ko yishimiye kuba atuye mu nzu yubakiwe na kampani ikora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro i Rwinkwavu.

Avuga ko yubakiwe nyuma y'aho abwiwe ko aho atuye intambi zimusenyera ni ko kubakirwa inzu nziza itandukanye n'iyo yari atuyemo.

Agira ati: "Baraje bati, ahantu mutuye intambi ziraturika zikaba zabagirira nabi bati muze, badutuza hano kandi turahishimiye."

Uyu mukecuru ahamya ko kuba atuye ahantu hari ibikorwa



Abaturage bishimira impinduka ku mibereho yabo babikesheje ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bukorwa na RMC Ltd

by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ari ibintu byiza kuko abana babo babona akazi.

Tito Barahira, umuyobozi w'Umudugudu wa Muganza mu Kagari ka Muhondo, ahamya ko abantu benshi bakora mu mabuye y'agaciro kandi ko yabateje imbere.

Ati: "Ni ukuvuga ngo abana barize bitewe no kubona amabuye y'agaciro bityo abana bakabona amafaranga y'ishuri.

Ikindi ahantu hose hubatse inzu, abantu boroye inka, abantu bafite iterambere bitewe n'ayo mabuye y'agaciro."

Ahamya ko abatuye muri izo nzu bari batuye mu nzu zendaga kubagwaho ariko RMC LTD ibubakira umudugudu mwiza.

Ati: "Iryo ni iterambere kuko iyo umuturage atuye heza, afite isuku, iryo ni iterambere ry'umuturage."

Kalima Jean Malic, Umuyobozi Mukuru wa RMC LTD, avuga ko ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro muri Rwinkwavu yatangiye gucukurwa mu 1946.

Mu kiganiro na Imvaho Nshya, yavuze ko ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bakora abaturage babwungukiraho kandi bagatera imbere. Kuri we ngo inyungu ivuyemo, isosiyete iyigabana n'abaturage.

Agira ati: "Icyo batwungukiraho ni umurimo, bahabwa akazi, bagahembwa kandi mu by'ukuri ni nkaho tugabana kuko icyavuyemo ni nkaho babonamo icya kabiri mu byo tuba twashoye.

Hari bamwe tugenda twubakira inzu, hari imidugudu twagiye twubaka dufatanyije n'Inzego zibanze. Iyo wahaye umuntu umurimo, ukamuha icyo akeneye, ibyo byose ni ukugira ngo ukora hano agire ubuzima bwiza."

Avuga ko mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 na nyuma gato, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bwakorwaga na Leta ndetse n'Abakoloni.

Kalima avuga ko hagiye habaho guhindura ubuyobozi kugeza aho abashoramari b'Abanyarwanda batangira kuhakorera mu 2008.

Ati: "Twaje dusanga harackuwe kera, ahenshi hangizwa mu bihe byinshi ariko kuva mu 2008 twatangiye gukorana n'Abanyarwanda bari basanzwe bafite ubumenyi mu bintu by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Icyiza ni uko tumaze kugira abana b'Abanyarwanda bize ari bo mubona bakorera hano. Dufite abize ibijyanye n'ubumenyi bw'amabuye (Geology) aba enjeniyeri muri Mine, ubu ni bo dusigaye dukorana na bo."

Ashimira Leta y'u Rwanda yumvise icyifuzo cy'abakora mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro (Geology & Mine) kuko hariho ikibazo cy'abize ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Ati: "Tugeze mu gihe cyiza abana bacu bize, ubu na bo bashobora kujya gukorera n'ahandi kuko muri ibi bice turimo by'Umugabane w'Afurika nta amashuri menshi ahari yigisha ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Ayo mashuri menshi yagiye afunga aho yari ari mu bihugu cyane cyane duturanye, yewe n'i Burayi."

Ahamya ko nta gushidikanya ko mu Rwanda haba ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro kandi bufitiye akamaro Igihugu n'Abanyarwanda.

Kalima avuga ko batangiye gutekereza uko bajya bohereza hanze amabuye y'agaciro amaze gusukurwa kuko kera habagaho kugurisha, ukagurisha n'ibirimo bindi bitazwi ugasanga abaguze, baguze gasegereti ariko harimo n'ibindi.

Mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro bukorwa na RMC LTD, bwita ku kurengera ibidukikije kandi batubura ingemwe z'ibiti biterwa ahacukuwe mu rwego rwo gusimbuza ibiti byaranduwe.



Jean Malic Kalima, umuyobozi wa RMC Ltd agaragaza ko n'abaturage bungukira mu bucukuzi, bukaba bwarabahinduriye imibereho



Uwumuremyi Yvone umaze imyaka 5 akora muri RMC LTD, ubucukuzi bwamuteje imbere

# Kubaga igicuri byatangiye gukorerwa mu Rwanda



Bwa mbere mu Rwanda hatanzwe serivisi yo kubaga Igicuri cyananiwe indi miti

MUTETERAZINA Shifah

***Ibikorwa byo kubaga indwara y'igicuri byatangiye gukorerwa mu Rwanda, mu Bitaro Bikuru bya Kaminuza bya Kigali (CHUK) aho habazwe umurwayi wa mbere wari umaranye iyo ndwara imyaka isaga 15, bikaba ari bwo bitangijwe bwa mbere mu Rwanda no mu Karere k'Ibiyaga Bigari.***

Abaganga, abarwaza n'abarwayi b'indwara y'Igicuri, barishimira ku nshuro ya mbere serivisi zo kubaga iyo ndwara zatangiye gutangirwa mu Rwanda, bagahamya ko ari igisubizo kuri bimwe mu bibazo birimo kujya kuzishakira hanze y'Igihugu.

Ni ibikorwa byatangijwe ku wa Mbere tariki 9 Gashyantare, ubwo hatangizwaga Icyumweru cy'Amahugurwa ku Kubaga Indwara y'Igicuri (Epilepsy Surgery Training Camp), akaba abaye ku nshuro ya mbere mu Rwanda no mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Ni amahugurwa yatanzwe n'abaganga b'inzobere mpuzamahanga mu kubaga ubwonko (Neurosurgeons), ab'izifata ubwonko (Neurologists) n'abatera ikinya (Anesthesiologists) baturutse mu bihugu bitandukanye.

Ni igikorwa cyabereye ku bitaro bya Kaminuza bya Kigali (CHUK), aho hanatangiwe ibikorwa byo kubaga igicuri umurwayi wa mbere wari ukimaranye imyaka irenga 15 arwaye ku buryo yari ageze ku rwego rwo gufata ubwoko bwa gatatu bw'imiti kuko iyo yari yarahawe nta kintu yari ikimumarira.

Abaganga bavuga ko kuba mu Rwanda hagiye kujya hatangirwa serivisi zo kubaga, ari amahirwe kuko guhoza umuntu ku miti kandi wenda itanajyanye n'ikigero cyangwa ubwoko bw'Igicuri arwaye byababaga ari umutwaro kuri bo.

Inyange Musoni Sylivie, ni umuganga ubaga ubwonko muri CHUK wari no mu itsinda ryabaze umurwayi wa mbere urwaye Igicuri.

Yagize ati: "Ni ibintu byiza cyane kuko urumva ko hari uwo mutwaro wo kuba hari abantu barwaye Igicuri bakomeza bakugana kandi udafite ikintu kinini uri bubafashe uretse gukora ubongera imiti.

Ubundi igicuri gihungabanya impande zose, urw'umurwayi, urwa muganga udafite icyo agufasha kinini, ubukungu bw'umuryango n'ubw'Igihugu, uwo mutwaro uzavaho ku mpande zose."

Uwo muganga yagaragaje ko umurwayi watangiriweho gahunda yo kuvurwa Igicuri abazwe, ari umugore w'imyaka 39, akaba yari amaze imyaka isaga 15 akirwaye, ku buryo nubwo yari ari ku miti, byari byaramuteye kwiheba ndetse atakibasha kurya.

Bumwe mu buvuzi yahawe ni ukumubaga ku gace k'ubwonko k'ibumoso ahagaragaraga ko ari ho iyo ndwara ituruka.

Mukarugwiza Alvera utuye mu Karere ka Rwamagana, urwaje umurwayi wabazwe bwa mbere indwara y'Igicuri, avuga ko Imana yabasubije ibinyujije mu baganga kuko byari ikibazo guhumuriza umurwayi no guhora abona uburibwe anyuramo.

Ati: "Twabanje kugira ngo ni umutima arwaye, hashize igihe tugira ngo baramuroze turamuvuza biranga, twarababaraga tukagira agahinda mu muryango ndetse byadutwaraga amafaranga kubera guhora tumujyana kwa muganga kandi amikoro ari make."

Avuga ko ari intambwe ishimishije kuko bumvaga ko iyo ndwara ivurirwa hanze y'u Rwanda, bakifuza kuba bamuvuza ariko ntibikunde kubera kubura ubushobozi.

Ati: "Turashima cyane Igihugu cyazanye ubu buvuzi, reba iyo myaka yose yari ishize bamuvura none bakaba banazanye ubuvuzi bwisumbuyeho, ubwo se ntiyakoze ibitangaza! Ni ukuri turabishimye cyane kuko bashoboraga kudusaba kujya kumuvuza hanze tukabura amikoro."

Umuyobozi w'Agashami k'ubuvuzi bw'urwungano rw'imyakura rurimo ubwonko n'umugongo, Dr Muneza Severien, avuga ko abantu bahisemo guheraho, baha ubwo buvuzi, bahuriye ku kuba barwaye Igicuri igihe kirekire bagahabwa imiti itandukanye ntibigire icyo bitanga

Ati: "Icyizere kiri hejuru ya 80% cy'uko nyuma yo kubagwa bashobora kuba bakira bakaba bazava no ku miti. Iyo umuntu amaze kubagwa bisaba ko akurikiranwa mu kureba icyo byamufashije n'ukuntu imiti yakoreshaga ashobora kuyikomeza cyangwa akagenda ayigabanya bitewe n'icyo byatanze."

Biteganyijwe ko abarwayi 8 bafite y'indwara y'Igicuri cyananiye imiti isanzwe (drug-resistant epilepsy) ari bo bazavurwa hakoreshejwe uburyo bwo kubaga, aho bitwara igihe kiri hagati y'amasaha 3 na 6 kugira ngo umuntu abagwe, bikazakorwa mu gihe cy'icyumweru.

Ni intambwe ikomeye mu buvuzi bw'u Rwanda kuko ari ubwa mbere mu Karere k'ibiyaga bigari hagiye kujya havurirwa ubwo burwayi nk'uko Dr Muneza yagaragaje ko abifuzaga kuvurwa muri ubwo buryo bohezwaga mu Buhinde.


Abaganga bo mu Rwanda bishimiye guhugurwa ku kuvura igicuri harimo kukibaga





# Urukiko rw'Ikirenga rwanenze abakozi b'inkiko bagitanga serivisi mbi


Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Hitiyaremye Alphonse yasabye abagana inkiko kwirinda gutanga ruswa

ZIGAMA Theoneste

***Urukiko rw'Ikirenga rwatangaje ko hari abakozi b'inkiko bagitanga serivisi mbi kandi biri mu ntandaro yo kwaka no gutanga ruswa, rugasaba abasabwa ruswa kudaceceka kuko uburenganzira ku butabera budasaba ikiguzi icyo ari cyo cyose.***

Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Hitiyaremye Alphonse, yabigarutseho ku wa Kane tariki ya 12 Gashyantare, ubwo hasozwaga icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa mu nkiko, asaba abagana inkiko kwirinda gutanga ruswa.

Agira iti: "Serivisi mbi ni icyuho cya ruswa, tanga amakuru dufatanyirize hamwe kuyirwanya."

Hitiyaremye yagaragaje ko mu nzego z'ubutabera no mu zindi nzego, imitangire ya serivisi mbi ari imwe mu ntandaro ya ruswa, ari na yo mpamvu igomba kurwanywa by'umwihariko.

Yagize ati: "Serivisi mbi ni uguca urubanza rubi ku buryo buri wese arureba akabonamo ruswa. Urwego rw'Ubucamanza rushishikariza abakozi barwo gutanga serivisi nziza nk'umwe mu miti yo kurwanya ruswa."

Yashishikarije abagana inkiko bose kwanga gutanga ruswa aho ari hose, abibutsa ko serivisi bahabwa ari ubuntu. Yanavuze ko nta mukozi w'inkiko uzihanganirwa mu gihe yaba agaragayeho kwaka cyangwa kwakira ruswa.

Yashimangiye ati: "Haracyagaragara bamwe mu bakozi b'inkiko batanga serivisi mbi, nyamara bagenzi babo bagahitamo kubahishira, abahabwa serivisi mbi na bo bagahitamo kubiceceka. Hari aho batakira abagana inkiko babwirwa amagambo meza, ibirego bitinda gufatirwa umwanzuro, ababitanze ntibasobanurirwe bagahezwa mu gihirahiro."

Yunzemo ati: "Hari ugusiragiza abaturage no gusubika bya hato na hato kandi bidafitiwe ibisobanuro [...] Serivisi mbi ihatse izindi ni uguca urubanza rubi.

Uko guhabwa serivisi ni ko gutuma uyikoneye aba yumva ko uyikeneye akwiye kwibwiriza. Ubutabera ntibugurwa kuko byagaragaye ko hari udutsiko tw'abantu bigize abakomisiyoneri ba ruswa birirwa mu nkiko nta manza bahafite. Aho utwo dutsiko turi ni ukumwamagana.

Umushinjacyaha Mukuru Wungirije w'u Rwanda, Ruberwa Bonaventure, na we yahamije ko serivisi mbi ku bagana inzego z'ubutabera ari icyuho cya ruswa, asaba abaturage gutanga amakuru igihe bahuye na yo.

Yagize ati: "Ni ngombwa ko twibutsa abagana inzego z'ubutabera ko nta kiguzi babitangira. Nibahura n'ikibazo cya ruswa bakwiye gutanga amakuru."

Yavuze ko hashyizwe imbaraga mu kwimakaza ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu gutanga ubutabera no guteza imbere inzira z'ubuhuza, hagamijwe kugabanya gusiragira kw'abaturage no gukumira icyatuma bakwa ruswa.

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage n'Iterambere ry'Ubukungu, Urujeni Martine, yavuze ko ubuyobozi bwimakaje gahunda ihamye yo kurwanya ruswa mu nzego zose.

Yagize ati: "Tuzirikana ko gutanga serivisi nziza ari bwo buryo nyabwo bwo guhangana na ruswa kuko turi urwego rwegereye abaturage umunsi ku wundi."

Yongeyeho ko mu Mujyi wa Kigali hakomeje gushyirwa imbaraga mu gukumira ibyuho bya ruswa, by'umwihariko abakomisiyoneri bakunze kuba ikiraro cy'abarya ruswa, ashimangira ko bazakomeza kuyihashya.

Perezida w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda Me Nkundabarashi Moïse, yijeje ko urwo rwego ruzakomeza gufatanya n'izindi nzego mu rugamba rwo kurandura ruswa, kandi ko umwavoka wese uzagaragaraho imyitwarire ya ruswa atazihanganirwa.

Umushinjacyaha Wungirije w'u Rwanda, Ruberwa Bonaventure, na we yahamije ko serivisi mbi ku bagana inzego z'ubutabera ari icyuho cya ruswa, asaba abaturage gutanga amakuru igihe bahuye na yo.

Yagize ati: "Ni ngombwa ko twibutsa abagana inzego z'ubutabera ko nta kiguzi babitangira. Nibahura n'ikibazo cya ruswa bakwiye gutanga amakuru."

Yavuze ko hashyizwe imbaraga mu kwimakaza ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu gutanga ubutabera no guteza imbere inzira z'ubuhuza, hagamijwe kugabanya gusiragira kw'abaturage no gukumira icyatuma bakwa ruswa.

**Ibikorwa byaranze icyumweru cyo kurwanya ruswa**

Muri iki cyumweru hakozwe ibikorwa bitandukanye birimo kuburanisha no guca imanza 50, gukangurira abaturage kwirinda ruswa no gutanga amakuru, ndetse no kubasobanurira imikorere y'inkiko.

Hatanzwe kandi ubutumwa bwo gukumira no kurwanya ruswa mu mashuri abanza n'ayisumbuye ndetse no mu magororero.

Imibare y'Urwego rw'Umuvunyi igaragaza ko igipimo cy'abaturage bemera gutanga ruswa mu Rwanda kiri kuri 6%.

Ubushakashatsi bw'Umuryango Urwanya ruswa n'Akarengane ku Isi (Transparency International-TI) bwa 2025 bwerekanye ko mu Rwanda, abafite aho bahurira n'inzego z'ubutabera bavuga ko ruswa iri kuri 3,1% mu bushinjacyaha 2,7% mu bugenzacyaha na 2,4% mu bacamanza.

U Rwanda rufite intego yo kuba urwa mbere ku Isi mu kurwanya ruswa. Kuri ubu ruri ku mwanya wa 41 ku Isi, urwa gatatu muri Afurika, ndetse rukaba urwa mbere muri Afurika y'Iburasirazuba.

# U Rwanda rwaje ku mwanya wa 3 muri Afurika mu kurwanya ruswa

ZIGAMA Theoneste

***U**bushakashatsi bugaragaza uko abaturage bakwa ruswa nto mu nzego za Leta (Corruption Perceptions Index – CPI) bwo mu mwaka wa 2025, bwakozwe n'Umuryango Mpuzamahanga Urwanya Ruswa n'Akarengane (Transparency International), bwerekanye ko u Rwanda rukomeje gutera intambwe mu kurwanya ruswa, aho rwaje ku mwanya wa gatatu muri Afurika, rukaba ruri ku wa 41 ku Isi, n'amanota 58%.*



U Rwanda rukomeje gutera intambwe mu kurwanya ruswa, ruri ku mwanya wa 3 muri Afurika

Ibi byatangajwe ku wa Kabiri tariki ya 10 Gashyantare 2026, ubwo Transparency International ishami ry'u Rwanda (TI Rwanda) yamurikaga ku mugaragaro ibyavuye muri ubu bushakashatsi ngarukamwaka, ishimangira ko u Rwanda rwazamutse ruvuye ku mwanya wa 43 rwariho mu mwaka ushize, aho rwari rufite amanota 57%.

TI Rwanda yatangaje ko iri zamuka ari intambwe ikomeye, kuko ari bwo bwa mbere u Rwanda rubonye amanota 58% mu mateka yarwo mu bipimo bya CPI avuye kuri 52% rwari rufite mu mwaka ushize, bigaragaza imbaraga Igihugu gikomeje gushyira mu kurwanya ruswa no guteza imbere imiyoborere myiza.

Mu bihugu 182 byakoreweho ubu bushakashatsi ku Isi hose, u Rwanda ruza ku mwanya wa gatatu ku Mugabane wa Afurika, runganya amanota na Botswana. Seychelles ni yo ya mbere n'amanota 68% igakurikirwa na Cape Verde ifite amanota 62%.

Umuyobozi Nshingwabikorwa wa TI Rwanda, Mupiganyi Appollinaire, yavuze ko nubwo u Rwanda rwazamutse mu manota, hakiri imbogamizi aho abaturage bagihura n'ibibazo byo kwaka no gutanga ruswa mu itangwa rya serivisi zimwe na zimwe.

Ati: "Mu nzego zitandukanye za serivisi, hari aho abaturage bagihura na ruswa. Icyakora, igishimishije ni uko inzego za Leta zikomeje gufatanya natwe mu kuyirwanya, kuko ruswa ari icyorezo kibangamiye Isi yose."

Mu karere u Rwanda ruherereyemo, rukomeje kuza imbere mu kurwanya ruswa. Tanzania iza ku mwanya wa 84 ku Isi n'amanota 40%, Kenya ku mwanya wa 130 n'amanota 30%, Uganda ni iya 148 n'amanota 25%, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo ku mwanya wa 163 n'amanota 20%, mu gihe u Burundi buza ku mwanya wa 167 n'amanota 17%.

Mupiganyi Appollinaire yavuze ko kuba u Rwanda ruturanye n'ibihugu bifite amanota make mu kurwanya ruswa bishobora kuba imbogamizi, ariko ashimangira ko kurandura ruswa bishingira cyane ku bushake bwa politiki n'ubufatanye bw'inzego.

Ati: "Mu bihugu duturanye, iyo imiryango iharanira kurwanya ruswa iteguye inama, usanga hari aho abakozi ba Leta batitabira, bikagaragaza ko batabifata nk'iby'ingenzi. Mu Rwanda ho, iyo dukoze ibikorwa, inzego za Leta ziraza tugafatanya."

Umuvunyi Mukuru Nirere Madeleine yavuze ko u Rwanda rukataje mu guhangana no kurwanya ruswa, kandi ko rufite intego yo gukomeza kuzamura amanota mu myaka iri imbere.

Ati: "Turifuza ko umwaka utaha twagera nibura ku manota 60%. Ibyavuye mu bushakashatsi bidufasha kumenya aho tugomba gushyira imbaraga, cyane cyane mu gukangurira abaturage gutanga amakuru kuri ruswa no guteza imbere serivisi zinoze, haba mu nzego za Leta no mu bikorera."

Yongeyeho ko ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu itangwa rya serivisi ari imwe mu nkingi zikomeje gufasha u Rwanda kugabanya ruswa no kuzamura amanota, anashimangira ko icyerekezo cy'Igihugu ari ukuzarandura burundu ruswa bitarenze umwaka wa 2050.

**Uko ibihugu bihagaze mu kurwanya ruswa ku rwego rw'Isi**

Ku rwego rw'Isi, Denmark ni yo iza ku mwanya wa mbere mu kurwanya ruswa n'amanota 89%, ikurikirwa na Finland ifite amanota 88%, Singapore ifite 81%, New Zealand na yo ikagira 81%, mu gihe Norway, Sweden na Switzerland zinganya amanota 80%.

Ku mwanya wa nyuma, TI yagaragaje ko ibihugu bya Somalia na Sudani y'Epfo ari byo bifite amanota make kurusha ibindi, aho byombi bifite amanota 9%.

Ku rwego rw'Isi, impuzandengo y'amanota ya CPI ni 42%, aho raporo igaragaza ko ibihugu 122 muri 182 byakoreweho ubushakashatsi bifite amanota ari munsi ya 50%, bigaragaza ko ruswa ikomeje kuba ikibazo gikomeye ku Isi.

Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara ifite impuzandengo y'amanota 32%, mu gihe Umugabane w'u Burayi ufite impuzandengo ya 64%. Transparency International igaragaza ko ibihugu bifite amanota ari hejuru ya 71%, akenshi biba bifite demokarasi isesuye, mu gihe ibifite amanota 47% bigaragara nk'ibifite demokarasi iri ku rwego ruringaniye, naho ibifite amanota ari munsi ya 32% bigafatwa nk'ibidafite demokarasi ihamye.

**Ibihugu bifatwa nk'ibigendera kuri demokarasi bikomeje kugaragaramo kwiyongera kwa ruswa**

Muri uyu mwaka, impuzandengo y'amanota ya CPI ku rwego rw'Isi yagabanyutse ku nshuro ya mbere mu myaka irenga icumi ishize, igera ku manota 42%. Ibi bigaragaza ko ibihugu byinshi bikomeje kunanirwa kugenzura no kugabanya ruswa mu nzego za Leta.

Raporo igaragaza ko umubare munini w'ibihugu 122 muri 182 byakoreweho ubushakashatsi byabonye amanota ari munsi ya 50%, bikagaragaza ko ruswa ikiri ikibazo gikomeye muri ibyo bihugu.

Byongeye kandi, TI igaragaza ko umubare w'ibihugu bifite amanota ari hejuru ya 80% wagabanyutse cyane: uvuye ku bihugu 12 byariho mu myaka icumi ishize, ugera ku bihugu bitanu gusa mu 2025.

By'umwihariko, raporo igaragaza icyerekezo giteye impungenge aho ibihugu bifatwa nk'ibigendera kuri demokarasi bikomeje kugaragaramo kwiyongera kwa ruswa nk'uko abaturage babituye babigaragarije abashakashatsi.

Muri ibyo bihugu harimo Leta Zunze Ubumwe za Amerika (amanota 64%), Canada (75%) na New Zealand (81%), kimwe n'ibihugu bitandukanye byo ku Mugabane w'u Burayi birimo Ubwami bw'u Bwongereza bwagize 70% n'u Bufaransa bufite 66% na Sweden yagize 80%, aho na ho hagaragara igabanyuka ry'amanota ugereranyije n'imyaka yashize.





# Nta gihugu cyagera ku iterambere rirambye abagore bagipfa babyara–Dr Nsengiyumva

ZIGAMA Theoneste

***M**inisitiri w'Intebe w'u Rwanda, Dr Justin Nsengiyumva, yagaragaje ko nta gihugu cyakwemeza ko cyageze ku iterambere rirambye mu gihe abagore bagipfa bazize ibibazo bagize mu gihe cyo kubyara, ashimangira ko kurengera ubuzima bw'umubyeyi ari imwe mu nkingi z'iterambere nyaryo.*




Minisitiri w'Intebe Dr Justin Nsengiyumva yagaragaje ko nta terambere igihugu cyageraho ababyeyi bagipfa babyara

Yabitangaje kuri uyu wa Gatandatu aho yitabiriye ibiganiro byibanze ku kwihutisha igabanuka ry'impfu z'ababyeyi bapfa babyara muri Afurika, byabere i Addis Ababa muri Ethiopia, byabimburiye itangizwa ry'Inama ya 39 isanzwe y'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma byo mu Muryango w'Afurika Yunze Ubumwe (AU).

Dr Nsengiyumva yagize ati: "Nta gihugu gishobora kwemeza ko cyageze ku iterambere rirambye mu gihe abagore bagipfa batanga ubuzima. Kubaho k'umubyeyi nyuma yo kubyara ni kimwe mu bipimo bisobanutse byerekana imbaraga z'urwego rw'ubuzima, imikorere myiza ya serivisi za Leta n'agaciro igihugu giha abaturage bacyo."

Ku wa Gatanu, tariki ya 13 Gashyantare, ni bwo Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva yageze i Addis Ababa muri Ethiopia, aho yahagarariye Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, muri iyi Nama ya 39 isanzwe ya AU.

Iyo nama y'iminsi ibiri yatangiye kuri uyu wa Gatandatu ifite insanganyamatsiko igira iti: "Kwizera no Guharanira Kuboneka kw'Amazi mu buryo burambye no Gushyiraho Sisitemu Zinoze z'Isuku mu kugera ku Ntego za Gahunda ya 2063."

Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma baraganira ku kongera imbaraga mu gucunga neza umutungo w'amazi, kunoza serivisi z'isuku n'isukura, no kwihutisha ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda ya 2063 igamije iterambere rirambye rya Afurika.

Biteganyijwe kandi ko iyi nama izagaruka ku bibazo by'amahoro n'umutekano, ivugururwa ry'inzego za AU, ndetse n'ingamba zo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

Hagati aho ariko Dr Nsengiyumva biteganyijwe ko aza kwitabira Inama ya kabiri ihuza u Butaliyani na Afurika (Italy–Africa Summit). Iyo nama izasuzuma aho ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda ya Mattei (Mattei Plan) rigeze, gahunda igamije gushimangira ubufatanye bwa politiki n'ubukungu hagati y'u Butaliyani n'ibihugu bya Afurika hagamijwe iterambere rirambye.

MUTETERAZINA Shifah

# Ikinyarwanda cyangizwa cyane n'abize- Minisitiri Dr. Bizimana

***M**inisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) Dr Bizimana Jean Damascene, yagaragaje ko abize ari bo bica Ikinyarwanda kandi bidakwiye.*

Yabikomojeho ku wa Kabiri tariki ya 10 Gashyantare 2026, mu butumwa yagejeje ku banyeshuri bitabiriye amarushanwa agamije gushishikariza urubyiruko rwo mu mashuri yisumbuye gukoresha Ikinyarwanda kinoze, kurangwa n'umuco, indangagaciro no gusigasira umurage w'u Rwanda kugira ngo bikomeze guhererekanywa uko ibisekuru bisimburana.

Minisitiri Dr Bizimana Ati: "Ikinyarwanda ntabwo cyangizwa n'abatarize n'umuntu utarize cyangwa ushaka gukomeza kuba Umunyarwanda nyawe. Cyangizwa n'uwumva ko adashyizemo izindi ndimi aba atabaye uwo ari we. Nyamara ibyo ni ukwibeshya."

Akomeza agira ati: "Akenshi abayobozi, abanyeshuri, ibyamamare n'abandi baciye mu ishuri turi ku isonga mu kwica Ikinyarwanda no kukivanga n'izindi ndimi kandi icyiciro cy'ababikora ni abize kandi abize bagomba kuba intangarugero."

Yahaye umukoro Abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye umukoro wo kunoza ururimi rw'Ikinyarwanda aho bari hose by'umwihariko mu miryango bavukamo kuko kwiga bikwiye kuba umusingi wo kunoza ururimi kavukire rwabo.

Asoza ubutumwa bwe Dr Bizimana yasabye abanyeshuri ko bakwiye kujya bakebura bagenzi babo ndetse bakafasha ababyeyi babo kutavanga indimi no kunoza neza Ikinyarwanda.

Ati:" Ikinyarwanda kiboneye mukibangikanye no kwiga kuvuga kumenya neza izindi ndimo zikoreshwa mu Rwanda, nimugera i Muhira ababyeyi nabo mu bibabwire. Hari ababyeyi bataganiriza abana babo Ikinyarwanda, hari ababyeyi batakizi kubera ibibazo by'amateka mwebwe mubafashe kukimenya no kugikoresha."

Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), Dr. Nelson Mbarushimana yavuze ko bazakomeza gushyigikira gahunda zose zo guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda.

Ati:" Nk'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), twiyemeje gushyigikira gahunda zose zigamije guteza imbere Ikinyarwanda,umuco nk'indangagaciro by'Igihugu binyuze mu rubyiruko."

Amarushanwanwa yabaga ku rwego rw'ibigo by'amashuri aho hahatanaga Ishuri Ryisumbuye rya Kagarama n'irya E.S Bumbogo, bahatanira kuzahagararira Umujyi ku rwego rw'Igihugu.

ES Bumbogo ni yo yakomeje ku manota 90%, itsinda ES Kagarama yagize amanota 70%.

Biteganyijwe ko icyiciro cya nyuma cy'ayo marushanwa kizaba muri Gicurasi 2026, hakazahura ibigo bizaba byatsinze kuri buri Ntara.



Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) Dr Bizimana Jean Damascene

# Kayonza: Ubuhinzi bw'indabo bwatanze akazi ku bakabakaba 1000



Indabo zihingwa kuri hegitari 60 muri Ndego, abaturage bahamya ko zabahinduriye ubuzima

HITIMANA Servand

***Ubuhinzi bw'indabo bukorerwa mu nkengero z'ikiyaga cya Ihema mu Murenge wa Ndego, Akarere ka Kayonza, bwatanze akazi ku basaga 300, aho bamwe mu bahakora bavuga ko byabafashije kwikenura ndetse akazi bahafite katumye batagerwaho n'ingaruka z'amapfa yibasiye aka gace.***

Ahakorerwa ubu buhinzi bakoresha abakozi benshi barimo ba nyakabyizi ndetse n'abakozi bahoraho.

Ni akazi k'ishimirwa n'abahakora aho ngo bahembwa buri cyumweru bukabafasha mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Kwisanga Divin agira ati: "Aka kazi karadufashije cyane. Urumva inaha habaye igihe cy'izuba rirerire ku buryo byagize ingaruka kubahatuye, ariko abakora muri ubu buhinzi bw'indabo byatumye tutazahazwa n'amapfa. Turakora tugahembwa bityo tukabona ibyo tuba dukeneye mu miryango yacu. Navuga ko ubu buhinzi bukorerwa hano bwatumye twifasha."

Manishimwe Fidele na we, yavuze ko ubuhinzi bw'indabo bwababereye ubwugamo bw'ibibazo byatewe n'amapfa aho batuye.

Ati: "Inaha havuye izuba ryishi ndetse ku buryo nko kuva mu Kwakira twabonye imvura y'umunsi umwe Indi yaguye uyu munsi. Ibi rero byatumye tuteza ku buryo aka kazi navuga ko ariko kari kudufasha mu mibereho yacu ya buri munsi."

Murekatete donata avuga ko uretse akazi kamuhemba ngo banahungukira ubumenyi kuri ubu buhinzi.

Ati: "Ubundi ntabwo twari tuzi ko indabo zihingwa zikagurishwa amafaranga menshi. Turashima Leta yazanye umushoramari uduha akazi katubeshaho ariko tukanahigira ku buryo ubu natwe twitegura kujya tuzihingira natwe tukagurisha tukabona amafaranga menshi."

Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza Hategekimana Fred, yabwiye Imvaho Nshya ko hari gahunda yo gukomeza gukora ishoramari ry'ubuhinzi cyane irikoresha kuhira kuko muri kariya gace bakomeje kwizera ikirere.

Ati: "Hariya hakorerwa ubuhinzi bw'umwuga bukorwa na kompanyi ya PRODEV. Byadufashirije abaturage kubona akazi bituma babasha kwikenura ndetse bakaniteza imbere. Murabizi i Ndego hakunze kugira ikibazo cy'izuba ari yo mpamvu ubu dufite imishinga itandukanye y'ubuhinzi bukoresha kuhira kugira ngo twe kugengwa n'ikirere gusa kugira ngo tubone umusaruro. Iyi mishinga izatuma tubona umusaruro, ugere kubaturage ndetse binatume iterambere ry'abaturage muri rusange rizamuka."

Agaruka ku buhinzi bw'indabo, Meya Hategekimana yahamije ko bifuza kubwagurira aho abaturage baturiye kugira ngo burusheho guteza imbere ababukora mu buryo bw'umwuga.

Akomeza agira ati: "Turasaba abaturage rero kwishimira uko akazi kabafasha ariko bakanakopera bakahakura ubumenyi kuri ubu buhinzi nabo bakazihinga kuko uyu mushoramari yiteguye no kujya azibagurira."

Ubu buhinzi bw'indabo buri kuri hegitari 60, uyu mushinga ukaba kuri ubu ukoresha abakozi bari hagati ya 500 na 1000.



Umuyaga mwinshi wasambuye ububiko bw'ibiribwa by'abanyeshuri

# Nyabihu: Umuyaga mwinshi wasambuye ububiko bw'ibiribwa by'abanyeshuri

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Umuyaga mwinshi wakurikiwe n'imvura yo kumugoroba wo ku wa Kane tariki ya 12 Gashyantare 2026, wasambuye ububiko bw'ibiribwa by'abanyeshuri bo ku ishuri ribanza rya Gasizi, mu Murenge wa Jenda, mu Karere ka Nyabihu, ku bw'amahirwe bikurwamo bitarangirika.***

Umuyobozi w'iri shuri, Hategekimana Alexis, yabwiye Imvaho Nshya ko uyu muyaga mwinshi wasambuye amabati 5 y'igikoni cyabikwagamo ibiribwa by'abanyeshuri, kuko hari mu ma saa kumi n'imwe z'umugoroba,imvura itaraba nyinshi cyane, bahise bihutira gukuramo ibiribwa byose bitarangirika, bibikwa mu cyumba cy'ishuri kidakoreshwa.

Ati" Amahirwe twagize ni uko uwo muyaga mwinshi waje mbere y'imvura. Mu bubiko harimo umuceri,kawunga,ibishyimbo n'amavuta, twihutira kubikuramo imvura igwa byahashize. Amabati ntiyavuyeho burundu ariko yangiritse cyane ku buryo tutayasubizaho."

Yavuze ko bari gukora ibishoboka byose ngo bitarenze kuri uyu wa Gatandatu tariki 14 Gashyantare,2026 babe bahasannye kuko hari amabati yari yasigaye bubaka ibyumba by'amashuri ari buryo bwifashishwe kugira ngo ubwo bubiko bwongere buboneke bidatinze.

Yanavuze ko kuba umuyaga wabasenyeye ari ibiza biri guterwa n'imvura nyinshi ivanze n'umuyaga mwinshi igwa muri iki gihe muri aka karere, bitavuze ko abubatse basondetse kuko iki gikoni kitamaze igihe kirekire cyubatswe, ko ahubwo ari ibiza nk'ibindi byose.

Yijeje ko bagiye kongera kureba neza n'ibisenge by'amashuri byose ko nta kibazo bifite ku buryo uyu muyanga na byo utabisambura abana bakabura aho bigira.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Jenda, Niyonsenga Jeanne d'Arc, yavuze ko umurenge uri gukurikiranira hafi ngo isanwa ry'ubu bubiko ryihute.

Ati" Twasabye ubuyobozi bw'iri shuri kwihutisha isanwa ry'ubu bubiko hakoreshejwe amabati yasigaye hubakwa ibyumba by'amashuri, bakabikorera raporo bakayitwohereza,bagasubiza ibiribwa mu bubiko byabwo. Turabikurikiranira hafi bigende neza."

Yavuze ko uyu muyaga nta bindi wangije mu Murenge wabo.





# Ubuhamya bw'Umunyarwandakazi wagurishijwe muri Aziya ashukiwe ku mbuga nkoranyambaga

KWITONDA Clarisse

***Mukamana Aline w'imyaka 45 wo mu Karere ka Gicumbi yagarutse mu Rwanda nyuma y'umwaka n'amezi arindwi yari amaze ku Mugabane wa Aziya, aho yari yajyanywe n'abantu bamushutse bifashishije imbuga nkoranyambaga bamubwira ko agiye guhabwa akazi keza n'umushahara munini.***



Gucururizwa ku mbuga nkoranyambaga agahindurwa umucakara byasigiye Mukamana Aline ihungabana rikomeye

Yatanze ubuhamya ku buzima yanyuzemo nyuma yo gutakaza akazi, byatumye ajya mu mahanga kugashakirayo binyuze ku nshuti bifashishije imbuga nkoranyambaga.

Mu kiganiro yagiranye na Imvaho Nshya, yagize ati: "Ubusanzwe nari umugore wihaye ushoboye gukora akazi, njye n'umugabo wanjye nyuma y'igihe akazi kaje kurangira aho natangiye kubura ubushobozi bwo kwita ku rugo rwanjye cyane ko nari mfite abana batatu biga bakeneye no kubaho umunsi ku wundi."

Nyuma yo gutakaza akazi yaje guhura n'uwari inshuti ye ku nkoranyambaga, amubwira ko yamurangira akazi.

Ati: "Nyuma y'igihe naje gukoresha imbuga nkoranyambaga nsanga hari inshuti twari twaramenyaniye kuri 'facebook' yarambuze ndamwandikira mubwira ko ntarimperutse gukoresha imbugankoranyambaga kubera ko akazi kanjye karangiye yahise amugirira imbabazi anyemerera ko agiye kumfasha kubona akazi, kandi ko ari keza kazamfasha kongera kwita ku muryango."

Akomeza avuga ko we n'umugabo we bari bafashe umwanzuro ko buri wese asubira iwabo nyuma y'igihe runaka ubuzima bwagaruka bagasubirana. Mukamana yasobanuye inzira inshuti ye yamunyujijemo ngo akunde abone ako kazi.

Ati: "Yanyishyuriye amafaranga yo kuntegurira ibyangombwa n'urugendo, ngahagurukira muri Kenya, ubundi nkagera mu gihugu cy'amahanga ya kure, ibyo byarabaye mbona itike ingeza muri Kenya nyuma yo kugerayo ndebye uburyo nakiriwe n'uburyo nurijwe indege ni bwo namenye ko nagurishijwe ariko ntafite icyo nabikoraho."

Yakomeje agira ati: "Nkigera muri Aziya, nahise menya ko ntajyanywe mu kazi bambwiye, kubera ko bamfungiye mu nzu, banyambura ibyangombwa ubundi bankoresha nk'umucakara kuko nakoraga guhera mugitondo kare kare nkageza nijoro mugicuku, nkongera ngatangira undi munsi. Nabayeho mu bwoba, guhezwa, no kwiheba ibyaje kumviramo kurwara indwara zirimo diyabete, umutima n'umuvuduko ukabije."

Hamwe nubwo buzima yagerageje gushaka uko yasubira iwabo biranga kuko yanabeshye ko yapfushije se yumva ko bamugirira imbabazi bamusubiza ko bitakunda kuko yaguzwe amafaranga menshi.

Yagize ati: "Ni abantu batagira impuhwe kuba napfusha data sinjye kumushyingura ntacyo byari bibatwaye, nakomeje gusenga haciye iminsi kubera umugore wo mu rugo nabagamo yagiraga amahane iyo yarakaraga yakoraga ibintu atatekereje. Umukozi twakoranaga yaramurakaje maze bigeze nijoro twese aradusohora aduta hanze, ni yo yambereye inzira yo gutaha kuko bwarakeye mpura n'umushoferi wazanaga ibyo kurya maze amfasha kumpuza n'umuzungu wakundaga gufasha abantu wakoraga kuri Ambasade ya Kenya."

Yongeyeho ati: "Nagize amahirwe ngezeyo ndamubona nkimwibwira ko ndi Umunyarwanda yaravuze ngo mufite agaciro kubera Perezida wanyu, yaranjyanye ampisha aho yahishe abandi, nahasanze abandi banyafurika benshi. Yadushakiye ibyangombwa n'abandi Banyarwanda turataha twese mbese mvuze bike kuko uwo muzungu na we yaraduhishaga kuko ntibyari byemewe; nuko nageze mu Rwanda ntewe ishema no kwitwa Umunyarwanda."

Mukamana Aline yagarutse mu Rwanda, none yitabwaho n'abaganga. Ubu ari gukurikiranwa n'abaganga b'inzobere n'abamufasha mu buzima bwo mu mutwe, kandi ahamagarira abandi bagore kwirinda kugwa mu mutego nk'uwo yaguyemo.

Anibutsa buri wese ko gushaka ubuzima bwiza bidasaba kujya mu mahanga cyane ko nyuma y'ibyamubayeho ubu ari kumwe n'umuryango we kandi bameze neza abikesha kuba ari Umunyarwanda.

Yongeyeho ati: "Uwantabaye yavuze ko Abanyarwanda ari ab'agaciro aboneraho no gushimira ubuyobozi bw'u Rwanda ndetse n'Umuryango Mpuzamahanga wita ku Bimukira (IOM) ibitewemo inkunga n'Igihugu cy'u Buyapani."

Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) rwabonye ko abantu benshi bagwa mu mutego w'icuruzwa ry'abantu kubera ubujiji cyangwa amayeri y'abashuka bakoresheje imbuga nkoranyambaga.

Kubera ibyo, RIB yatangiye gahunda yo guhugura abantu bakora mu bwikorezi bw'abantu n'ibintu (abatwara abagenzi, abatwara imizigo, n'abakoresha imodoka rusange).

Umuyobozi wa RIB mu ishami rishinzwe kurwanya Icuruzwa ry'Abantu, Ngarambe Antoine, asobanura ibimenyetso bigaragaza umuntu uri mu nzira y'icuruzwa, uburyo byakumirwa ndetse yibutsa ko iki cyaha gihanwa.

Yagize ati: "Umuntu ugaragara nk'aho atazi neza aho agiye cyangwa utumva neza ururimi rw'aho ajya. Umuntu ufite ibyangombwa bye ariko aherekejwe n'undi muntu ukamuvugira byose, umuntu utazi amakuru arambuye y'akazi avuga ko agiye gukora."

Yongeyeho ati: "Iyo ubonye uwo muntu usabwa guhita ubimenyesha RIB cyangwa ubuyobozi buri hafi, kutemera gutwara umuntu ugaragara nk'ushobora kuba ari mu kaga, gufasha mu gutanga amakuru ku bakekwa gushuka abantu."

Yasoje avuga ko icuruzwa ry'abantu ari icyaha gikomeye gihonyora uburenganzira bwa muntu, kandi amategeko agihana.

Ati: "Dufite amategeko ahana bikomeye abashuka abandi, batwara cyangwa bafunga abantu, turimo kongera ubukangurambaga, amahugurwa, n'ubufatanye n'abaturage n'inzego z'ubwikorezi kugira ngo iki cyaha gikumirwe mbere y'uko kibaho."

Inzobere zigaragaza ko uwagurishijwe ashobora guhura n'ihungabana ryo mu mutwe, gukomeretswa, ubukene no gutakaza icyizere cy'ubuzima. Ku rwego rw'Igihugu, iki cyaha gituma Igihugu gitakaza abakozi kandi kikangiza isura yacyo mu ruhando mpuzamahanga.

NGABOYABAHIZI Protais

# Musanze: Babangamiwe n'icyobo kimaze igihe kidapfundikiye mu mujyi rwagati

***Abagana umujyi wa Musanze n'abawuturiye barataka kubera icyobo kinini giherereye mu mujyi rwagati, kimaze igihe kirenga umwaka kidapfundikiye, kikaba gikomeje kubateza impungenge n'impanuka za hato na hato.***

Icyo cyobo cyateguwe mu rwego rwo kunyuzamo amazi ajya mu miferege yo mu mujyi, hagamijwe kunoza imiyoborere y'amazi no kwirinda ko yangiza ibikorwa remezo.

Nyamara kuva gifunguwe, ntikirongera gupfundikirwa, hashize umwaka kirangaye; ibintu abaturage bavuga ko bibashyira mu kaga buri munsi.

Abaganiriye na Imvaho Nshya bagaragaje ko kuba kiri ahanyura abantu benshi, mu rujya n'uruza rw'imodoka n'abanyamaguru, ari ikibazo gikomeye, by'umwihariko mu gihe umuriro wabuze nijoro, cyangwa se mu bihe by'akajagari k'abanyamaguru benshi, hari abashobora kugwamo batabizi.

Umwe mu bacuruzi bakorera hafi y'aho giherereye yagize ati: "Turahangayitse cyane. Iki cyobo kimaze igihe kinini kidapfundikiye. Hari n'abamaze kukigwamo barakomereka.



Icyobo giteje impungenge abagana umujyi wa Musanze

Dutinya ko umunsi umwe hari uzagwamo akaba yanapfa, kuko urabona ko umuntu kugwamo akavunagurika biroroshye."

Abaturage bavuga ko ku minsi mikuru ya Noheli n'Ubunani, mu gihe hizihizwaga isoza ry'umwaka, hari bamwe mu bari bari mu byishimo baguyemo.

Umwe muri bo yagize ati: "Mu bihe by'iminsi mikuru isoza umwa no kuwutangira hari bamwe kubera umubyigano baguyemo ndetse barakomereka bikomeye. Ibi byatubereye isomo rikomeye, ariko kugeza n'ubu nta gikozwe ngo iki cyobo gifatirwe umwanzuro urambye, twazahatakariza ingingo"

Si icyobo gusa kivugwaho guteza impanuka, kuko n'imiferege yo mu mujyi wa Musanze ikomeje kunengwa n'abahagenda. Bavuga ko imwe idafunze neza, izindi zarangiritse, bigatuma hari abazigwamo cyangwa zikabangamira urujya n'uruza.

Abaturage basaba ubuyobozi bw'umujyi n'izindi nzego bireba kwihutira gutwikira iki cyobo no gusana imiferege, bakagaragaza ko badashaka gukomeza kubaho mu bwoba bwo kuzahaburira ubuzima.

Umuyobozi w'Intara y'Amajyaruguru, Mugabowagahunde Maurice, yemereye Imvaho Nshya ko iki kibazo akizi kandi ko atari ubwa mbere kimugezeho. Yavuze ko hari gahunda yo kugikemura mu buryo burambye.

Yagize ati: "Iriya miferege yakozwe igaragaza ko amazi ashobora kuva mu mujyi atagize uwo asenyera, ariko kuba zidapfundikiye biragaragara koko bituma no gutembera mu mujyi bitoroha. Twavuganye na RTDA, bari kudufasha mu nyigo nshya ku buryo amazi yajya ava mu mujyi."

Akomeza agira ati: "Ikindi ku bijyanye na kiriya cyobo kiri mu mujyi, byabaye ngombwa ko bagifungura kubera ko hari ikibazo tekinike kirimo hasi. Ubu rero bagiye kureba ukuntu iki kibazo cyakemuka. Ikindi kandi imiferege, bitarenze mu kwezi kwa kane 2026 haraba hagize igikorwa."

Nubwo ubuyobozi butanga icyizere cy'uko iki kibazo kizakemuka, abaturage bo bavuga ko bifuza kubona igikorwa gifatika vuba na bwangu, mbere y'uko hagira undi wazagwamo akaba yahasiga ubuzima cyangwa agakomereka bikomeye.

Bavuga ko umujyi wa Musanze, nk'umwe mu mijyi igana ba mukerarugendo benshi, ukwiye kuba utekanye kandi ufite ibikorwa remezo bitabangamira abawugana.

# Ikiraro gihuza Muhanga na Ruhango cyangiritse cyahagaritse ubuhahirane

HABIMANA ERIC

***Ikiraro gihuzaAkarere ka Muhanga n´Akarere ka Ruhango kimaze imyaka ikabakaba itandatu cyangiritse, gihangayikishije abaturage bo mu Mirenge ya Shyogwe muri Muhanga n'uwa Byimana muri Ruhango kuko kibangamiye ubuhahirane bw'abaturage bo mu Turere twombi.***



Ikiraro gihuza Akarere ka Muhanga n'Aka Ruhango cyarangiritse bibangamira ubuhahirane n'imigenderanire

Aba baturage bavuga ko iyangirika ry'icyo kiraro cyambukiranya umugezi wa Ayideri rituma banyura mu mazi mu gihe cy'impeshyi ariko ngo iyo hari imvura umugezi uba wuzuye bakabura uko bambuka.

Basaba ko cyakongera kubakwa maze abatuye mu Mudugudu wa Matsinsi, Akagari ka Mubuga, Umurenge wa Shyogwe, Akarere ka Muhanga n'abandi batuye mu Murenge wa Byimana mu Karere Ruhango.

Iki kiraro cyangiritse cyanyuragaho imodoka na moto bitwaye abantu babaga baremye isoko ryo ku Mugina w´Imvuzo muri Ruhango, none ubu ngo yaba abanyeshuri n´abandi bashaka kwambuka bibasaba kunyura mu mazi na bwo mu gihe ari make.

Nyirambarubukeye Gaudence utuye Mudugudu wa Matsinsi, ati: "Ayideri yaraturitse amazi aza ari menshi kuko icyo gihe imvura yari yabaye nyinshi; yaraje aragi-

KOMEZA KU RUP.17





# Ikiraro gihuza Muhanga na Ruhango cyangiritse cyahagaritse ubuhahirane

IBIKURIKIRA URUP.16

kubita gihita gicikamo kabiri. Cyanyuragaho abantu benshi, abavuye za Muhanga, Mbuye n'ahandi. Ubu rero byo kubura uko tugira tunyura hano hasi mu mazi,haranyerera noneho iyo imvura yaguye uri hakurya arahaguma uri hakuno akahaguma kugeza igihe amazi agabanyukiye."

Ntakirutimana Elie utuye mu Mudugudu wa Nyamaganda, na we ati: "Bitewe na kiriya cyuzi nyine Ayideri cyaruzuye amazi araza arakijyanya, hashize imyaka myinshi kuko cyangiritse muri 2020. Nkubu imvura imaze iminsi igwa ariya mazi ntawayanyuramo kuko hari nabo atwara bakabasanga mu mugezi w´Ururumanza, twifuza ko ryakorwa rikongera rigatanga umusaruro kuko ubu guhahirana biratugora."

Aba baturage bavuga ko ushatse kurema isoko rya Mbuye cyangwa ku Mugina w´Imvuzo muri Ruhango bibasaba kujya kuzenguruka muri kaburimbo, naho abanyeshuri bo biga nabi kuko basiba iyo amazi yabaye menshi, bagasaba ko ryakongera rikubakwa.

Nshimiyimana Gilbert, Umuyobozi w´Inama Njyanama y´Akarere ka Muhanga, avuga ko ikibazo cy´ibiraro byangiritse bakizi, ariko bagenda bahera ku bihuza abantu benshi kurusha abandi kandi na byo bikajyana n´ubushobozi buba buhari.

Ati: "Ibyo biraro byose byangiritse birazwi kandi ibyinshi byakorewe inyigo yo kugira ngo bisanwe wenda ikiba ni icy´ingengo y´imari ahubwo kubisana ni byo bigenda bikurikiza ibihuza abaturage benshi kurusha abandi."

Iki kiraro abaturage basaba ko cyakongera gusanwa cyatwawe n´umugezi wa Ayideri mumwaka wa 2020 ubwo imvura yagwaga ari nyinshi amazi akuzura agasandara ari na yo yatwaye igice kimwe cy´iki kiraro.

Ibi byahise bihagarika ubuhahirane bw´abakinyuragaho baremye amasoko, abagiye kwiga ubu bikaba bisigaye bibasaba kugenda basimbukira ku mabuya ari muri ayo mazi abandi bagahitamo kuyagendamo.

BAHUWIYONGERA Sylvestre

# Rusizi: Umukobwa yakase umusore n'urwembe amuziza kumwima urukundo

***Kuri sitasiyo y'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) ya Kamembe mu Karere ka Rusizi hafungiye umukobwa witwa Gihozo Henriette w'imyaka 18, akurikiranyweho gukomeretsa bikomeye umusore witwa Hanyurimana Lazare w'imyaka 25 akoresheje urwembe amuziza kumwima urukundo.***

Uru rugomo rwabereye mu kabari kari mu Mudugudu wa Kabeza, Akagari ka Gihundwe, Umurenge wa Kamembe, Akarere ka Rusizi, aho uyu mukobwa yahasanze uyu musore agatangira kumubaza impamvu akomeza kumwinginga amusaba urukundo akarumwima, umusore ngo amubwira ko atabirimo umukobwa atangira kumwiyenzaho byanavuye ku kumukomeretsa.

Umwe mu bari muri aka kabari, yabwiye Imvaho Nshya ko ubusanzwe uyu mukobwa yaje mu mujyi wa Rusizi aturutse mu Karere ka Huye, ahasize umwana yabyaye atarageza ku myaka y'ubukure bikamutesha ishuri.

Avuga ko asanzwe amubona cyane cyane mu tubari kuko nta kandi kazi kazwi agira, uyu musore we akaba akora imirimo y'ubushabitsi muri uyu mujyi.






Yakatishije umusore urwembe amuziza ko ngo yamwimye urukundo

Akomeza avuga ko uyu mukobwa yabwiye umusore ko yamukunze, ko yumva atabaho batari kumwe, ko yamwemerera akamuha urukundo.

Umusore ngo yakomeje kumuhakanira umukobwa agashaka ko bakundana ku ngufu, umusore akamubwira ko bidashoboka.

Umukobwa akamusaba ko bajya mu kabari gusangira inzoga umusore akamubwira ko uwo mwanya atawubona, umukobwa ntiyashirwa.

Ati: "Ubwo twari mu kabari mu ma saa mbiri z'ijoro, umusore yaraje agura icupa aranywa, tunaganira, mu kanya umukobwa aba arahageze aradusuhuza, ashaka kwicara iruhande rw'uwo musore, umusore aramuhunga, umukobwa amubaza impamvu amuhunga kandi amukunda, n'impamvu akomeza kumusaba urukundo akabyanga."

Arakomeza ati: "Umusore yamusubiriyemo ko ibyo gukundana na we bitaramujyamo, umukobwa akomeza gusa n'umushotora, umusore amuhunga, barashyamirana, umukobwa aba amukubise urushyi, umusore umujinya urazamuka na we amukubita urundi, turabakiza, umusore aricara umukobwa arasohoka tugira ngo birarangiye dukomeza kwinywera."

Umukobwa yagiye muri butiki iri hafi aho agura urwembe, yinjira atunguranye batamubonye aba arukatishije umusore ku kuboko, ku kibero no mu gatuza, aramukomeretsa.

Ati: "Irondo, ubuyobozi bw'Akagari ka Gihundwe n'inzego z'umutekano bahise bahagera, umusore avirirana yatangiye kugira isereri, umukobwa atabwa muri yombi, umusore ajyanwa kwa muganga mu bitaro bya Gihundwe."

Umwe mu banyerondo yabwiye Imvaho Nshya ati: "Uyu mukobwa, nk'uko yabitubwiye tumaze kumufata, biragaragara ko yakoze urugomo yagambiriye, ashaka ko umusore amukunda byanze bikunze, yakwanga na we akazahora amubuza amahoro kandi umusore avuga ko nta bundi buryo baziranyemo, atazi impamvu amwizirikaho atyo."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kamembe, Ingabire Joyeux yavuze ko urugomo nk'uru rutari rusanzwe.

Ati: "Byarabaye koko, umukobwa yakase umusore n'urwembe ku kuboko, ikibero no mu gatuza, avuga ko amuziza kutamukunda kandi we ngo yumva yaramwimariyemo, umusore akabyanga.

Biriya ni imyitwarire mibi kuko ari n'ikibazo bagiranye ntiyagikemuza kumukomeretsa, yagana ubuyobozi."

Yasabye urubyiruko kwirinda gushakisha urukundo ku ngufu, kwirinda urugomo urwo ari rwo rwose, ubusinzi n'indi myitwarire mibi iganisha ku kugongana n'amategeko.

Yihanganishije umusore aho arwariye, avuga ko umukobwa yashyikirijwe RIB, sitasiyo ya Kamembe ngo icyaha nikimuhama azabihanirwe, anasaba ababyeyi kwita ku nshingano zabo zo kurera.

# Saint Valentin: Ibitekerezo ku kuba umusore ari we uha umukobwa impano

MUTETERAZINA Shifah

***Akenshi na kenshi usanga abagore n'abakobwa bitega kwakira impano cyangwa indabo ku munsi witiriwe abakundana umenyerewe nka Saint Valentin ndetse abo bitagendekeye gutyo bakabifata nko kutitabwaho n'abakunzi babo hakabaho n'abo bisenyeye umubano.***

Iyi nkuru iragaruka ku rubyiruko rugaragaza impamvu abakobwa baba biteze impano ku bakunzi babo.

Tariki ya 14 Gashyantare wiswe umunsi wa Saint Valentin cyangwa se umunsi wahariwe abakundana, ni umunsi uba urimo ibikorwa bitandukanye bisusurutsa abantu hashingiwe ku myiteguro yayo, ishobora gutuma utangira kwibaza ku rukundo nyakuri.

Sosiyete zicuruza ibintu bitandukanye nk'indabo zitangira kwamamaza hakiri kare ko zagabanyije ibiciro, izicuruza imikufi, amasaha ahenze, amasakoshi n'imyambaro zibutsa abaguzi kugira ngo babagurire, bereke urukundo abakunzi babo.

Imvaho Nshya yaganiriye na bamwe mu rubyiruko bayibwira uko bumva uwakabaye afite inshingano zo gutanga impano n'impamvu akenshi bifatwa nk'aho ari itegeko kuba umusore cyangwa umugabo yakabaye yita ku mukobwa cyangwa umugore bakundana.



Kuri Saint Valentin, abakundana bakunda guhana impano zirimo n'indabo

Iranzi Epiphanie asanga impamvu ari ihame ko abahungu cyangwa abagabo bagomba kwita ku bakobwa cyangwa abagore bakundana byaraturutse ku muco.

Yagize ati: "Ntekereza ko impamvu abakobwa benshi twitega impano ku munsi w'abakundanye [abakundana] byaturutse ku muco kuko Abanyarwanda dukura tuzi ko ko abagabo ari bo badufite mu nshingano mu buryo bumwe cyangwa ubundi kandi akaba ari we ugomba kwita ku mugore."

Uwitwa Isimbi uvuga ko bitewe n'uko abahungu ari bo babwira abakobwa ko babakunda ku ikubitiro bityo ari na bo bakwiye kubaha impano.

Ati: "Nk'uko tubizi mu muco nyarwanda igitsina gabo ni cyo kigomba kwita ku gitsina gore niba mu rukundo umuhungu ari we utera intambwe ya mbere abwira umukobwa ko amukunda ni na we ugomba gufata iya mbere atanga iyo mpano, nta mukobwa ukwiye gufata iya mbere mu gutanga impano rwose.

Ku ruhande rw'abasore uwitwa Alnourd Niyonkuru avuga ko bitakabaye intambara ahubwo ko buri wese mu rukundo yaha mugenzi we impano cyane ko muba mufatanyije ibikorwa by'urukundo.

Ati: "Icya mbere cyo urukundo ntabwo ruba ari urwanjye njyenyine mfite  uwo turufatanyije, ni yo mpamvu mvuga nti uyu munsi nyimuhaye nibura na we ejo yayimpa kandi aramutse ayingeneye Urukundo rwakomeza rukogera singombwa ko umuhungu ari we utanga impano gusa n'umukobwa yayimuha."

Yunzemo ati: "Uzi iyo umukobwa yakuzaniye akantu ukuntu wumva mu mutima uruhutse, nibajya babona babishoboye bajye babikora batarindiriye ngo abasore babikore."

Uwitwa Ngoga James we avuga ko gutanga impano ku mugabo cyangwa umusore ari imwe mu nshingano bafite nk'abagabo.

Ati: "Hari impamvu umugabo yitwa umugabo mu rugo undi akitwa umugore mu rugo. Iyo umuhungu akundana n'umukobwa hari inshingano agomba kugira rimwe na rimwe nkunda kubwira abantu ngo mufate umwanzuro gukundana, muzi ibyo mugiyemo, mufate inshingano.

Niba umunsi wa St Valentin ugeze ukaba ufite umukunzi kandi uzi icyo akunda mutegurire impano utitaye ko yaba na we ari buyiguhe."

Icyakora abo basore n'inkumi bavuga ko bidakwiye ko hari abakobwa bibabaza cyangwa abagore ngo bigere n'aho bisenya umubano wabo, kuko kugeza ubu abakobwa bakwiye kumenya bakanasobanukirwa ihame ry'uburinganire, kandi no mu gutanga impano na bo bazitanga.

Ku munsi w'abakundana haba ibirori bitandukanye aho abakunzi basohokana, abandi bakajya ahantu bagasangira, bahana impano ziganjemo indabo, hakabaho n'abasore bategereza uwo munsi akaba ari wo bambikiraho impeta abakunzi babo babasaba ko bazababera abagore. Ni na ko byaraye bigenze ku muhanzikazi Marina Debora ayambikwa na Yvan Muziki bari bamaze igihe bakundana.



Ku munsi w'abakundana, indabo zigurwa ku bwinshi



Umuhanzi Marina Debora yambitswe impeta y'urukundo n'umukunzi we Yvan Muziki





# Rayon Sports yatsinze Police FC yicuma ku rutonde rwa shampiyona



Igitego cya Tambwe Gloire cyahesheje Rayon Sports amanota atatu imbere ya Police FC

SHEMA Ivan

***Rayon Sports yatsinze Police FC 1-0 mu mukino w'Umunsi wa 20 wa Shampiyona y'u Rwanda wabereye kuri Kigali Pele Stadium Kuri uyu wa Gatanu, tariki ya 13 Gashyantare 2026.***

Ikipe ya Police FC ni yo yatangiye umukino isatira cyane izamu rya Rayon Sports harimo uburyo bw'igitego yahushije ku mupira Byiringiro Lague yazamukanye awuhereza Ndayishimiye Dieudonne awuhinduye mu rubuga rw'amahina, Ani Elijah ananirwa kuwushyira mu izamu ujya hanze.

Mu minota 15, umukino wagabanyije umuvuduko amakipe yombi akanira gukinira mu kibuga, ariko Police FC ikiharira cyane umupira.

Mu minota 35, Rayon Sports yongereye imbaraga isatira izamu rya Police FC harimo koroneri eshatu yabonye zikurikiranya ariko inanirwa kuzibyaza umusaruro.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa.

Mu gice cya kabiri, Rayon Sports yakomeje gukina neza bidatinze ku munota wa 52, yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Tambwe Gloire ku mupira watakajwe na Henry Msanga ari hafi y'uburuga rw'amahina, ahita aroba umunyezamu uruhukira mu rushundura.

Nyuma yo gutsindwa igitego, Police FC yongereye imbaraga itangira gusatira ishaka igitego cyo kwishyura harimo umupira wahinduwe na Richard Kilongozi, ufatwa na Ani Elijah ariko ananirwa kuwushyira mu izamu.

Ku munota wa 78, Rayon Sports yahushije uburyo bwo gutsinda igitego cya kabiri ku mupira Mugisha Didier yahaye Asman Ndikumana ari wenyine imbere y'izamu ariko ananirwa kuwushyira mu izamu ahubwo ugongana n'igiti cy'izamu.

Iminota 10 ya nyuma yaranzwe n'amakosa menshi hagati y'impande zombi, abakinnyi batandukanye ku mpande zose bahabwa amakarita y'umuhondo.

Umukino warangiye Rayon Sports yatsinze Police FC 1-0, yuzuza umukino wa kabiri wikurikiranya itsinda.

Gutsinda uyu mukino byatumye Rayon Sports igira amanota 32 ifata umwanya wa gatanu, mu gihe Police FC yatsinzwe umukino wa kabiri wikurikiranya yagumye ku mwanya wa gatatu n'amanota 34.

Undi mukino wabereye kuri Stade Ubworoherane warangiye Musanze FC inganyije na Al-Merrikh igitego 1-1.



Ani Elijah yahushije uburyo bw'igitego mu minota ibanza y'umukino



Nsabimani Eric "zidane" ahanganye na Ndikumana Asman



APR FC izasura Kiyovu Sports mu mikino y'Igikombe cy'Amahoro

# APR FC VS Kiyovu Sports: Uko Tombola ya ⅛ cy'Igikombe cy'Amahoro yagenze

SHEMA Ivan

***Amakipe yageze muri ⅛ cy'Igikombe cy'Amahoro cya 2025 yamaze kumenya uko azahura hagati yayo, aho APR FC ifite igikombe giheruka yatombowe na Kiyovu Sports mu gihe Rayon Sports izahura na City Boys.***

Iyo tombola yabaye ku wa Gatandatu, tariki ya 14 Gashyantare 2026 ku cyicaro cy'Ishyirahamwe rya Ruhago mu Rwanda (FERWAFA).

Yakozwe nyuma y'aho hasojwe amakipe umunani yarenze amajonjora y'ibanze yagombaga gutomborana n'andi umunani atararikinnye kubera kwitwara neza mu marushanwa aheruka.

Tombola yasize APR FC ifite igikombe giheruka izahura na Kiyovu Sports, Rayon Sports yatsindiwe ku mukino wa nyuma umwaka ushize izahura na City Boys FC.

Police FC yegukanye iri rushanwa mu 2024 izakina na Gicumbi FC, Musanze izahura na Gasogi United, Bugesera FC izakina n'Amagaju FC.

Hari kandi umukino Marines FC izakina na AS Kigali, Etincelles FC izakina na Mukura VS mu gihe Muhazi United izahura na Gorilla FC.

Biteganyijwe ko imikino ibanza izakinwa tariki 17-18 Gashyantare, iyo kwishyura izakinwe tariki 24-25 Gashyantare 2026.



Habaye tombola ya ⅛ cy'Igikombe cy'Amahoro

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-51 TARIKI 10 - 16 GASHYANTARE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Umujyi wa Kigali washimiwe kwakira neza Shampiyona y'Isi y'Amagare 2025

**SHEMA Ivan**

***Ishyirahamwe ry'Umukino w'Amagare ku Isi (UCI) ryahaye Umujyi wa Kigali ikirango cya "UCI Bike City" nk'ishimwe ry'uko wakiriye neza Shampiyona y'Isi y'Amagare (UCI) ya 2025, kuva tariki ya 21 kugeza 28 Nzeri 2025, yari ibereye bwa mbere ku Mugabane wa Afurika.***

Iki kirango gihabwa imijyi yakoze ibikorwa by'indashyikirwa mu mitegurire y'iri rushanwa ndetse n'imigenderanire inoze. Ryagaragaje intambwe ikomeye imaze guterwa mu iterambere ry'umukino wo gusiganwa ku magare ku rwego rw'Isi n'ubushobozi bw'Umujyi wa Kigali mu kwakira amarushanwa ya siporo yo ku rwego mpuzamahanga.

UCI Bike City ni igihembo gihabwa imijyi n'ibindi bice by'Isi byakoze ibikorwa by'indashyikirwa mu gutegura no kwakira amarushanwa mpuzamahanga ategurwa na UCI.

Perezida w'Ishyirahamwe ry'Umukino w'Amagare ku Isi, David Lappartient yavuze ko mu kwakira UCI 2025, yari ibereye muri Afurika bwa mbere, Umujyi wa Kigali wateye intambwe izahora mu mateka y'umukino w'amagare.

Ati: "Mu kwakira iri rushanwa, ryari ribereye bwa mbere muri Afurika, Umujyi wa Kigali wateye intambwe izahora mu mateka y'umukino w'amagare. Byunze mu gushyiraho ingamba ziboneye na gahunda zitandukanye, Umujyi wa Kigali washoboye kwandika izina ryawo mu mateka no kugira uruhare mu kugena ishusho y'ahazaza h'umukino wo gusiganwa ku magare muri Afurika."



**Ishyirahamwe ry'Umukino w'Amagare ku Isi (UCI) ryahaye Umujyi wa Kigali ikirango cya "UCI Bike City"**

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Samuel Dusenginyumva yavuze ko iki kirango ari igisobanuro cyiza ku migendere ikwiye mu mijyi.

Yagize ati: "Twishimiye kwakira igihembo cya "UCI Bike Cty Label" iki kirango ni igisobanurO cyiza cy'ubushake Umujyi ukomeje kugaragaza mu gushyiraho uburyo bw'imigendere ikwiye mu mijyi ndetse no kwita ku mibereho myiza y'abawutuye.



**Umujyi wa Kigali wahawe ikirango cya 'UCI Bike City' nyuma yo kwakira neza Shampiyona y'Isi y'Amagare 2025**

Turakomera guteza imbere ibikorwa remezo bifasha mu migendekere myiza y'imlkino yo gusiganwa ku magare ndetse no guha amahirwe bose babyifuza muri uyu mujyi wacu."

Minisitiri wa Siporo mu Rwanda Nelly Mukazayire yavuze ko iki gihembo kigaragaza imtumbero y'u Rwanda yo kuba igicumbi cy'ubukungu bushingiye ku mikino n'imyidagaduro.

Ati: "igihembo cya "ICU Bike City ni kimenyetso cyiza kigaragaza intumbero y'u Rwanda yo kuba igicumbi cy'ubukungu bushingiye ku mikino n'imyidagaduro, harimo n'amasigamwa y'amagare. Mu gukomeza kubaka ibikorwa remezo, guteza imbere uyu mukino duherehe mu bato tukageza ku marushanwa akomeye nka Tour du Rwanda, tuzakomeza gushyira imbaraga mu guha amahirwe abawukina ndetse no kwakira amarushanwa mpuzamahanga yawo."

Umujyi wa Kigali wabaye uwa gatatu mu guhabwa iki gihembo, ukaba uwa mbere muri Afrika mu gihe u Rwanda ari gihugu cya karindwi ku Isi.